# Yehova-Yireh 2

Grass Valley, California, USA

06 Nyakanga 1962

1 Urakoze, Mwenedata Roy. Reka dukomeze duhagaze akanya gato mugihe dusenga. Twunamishe umutwe, niba mubishaka. Reka noneho dutekereze noneho niba hari ikintu mu mutima wawe wifuza ko Imana igusubiza, uyu mugoroba, icyifuzo runaka, bimenyekane nkuko uzamura ikiganza, uvuge uti: "Mfite icyifuzo imbere y'Imana." Noneho reka twunamishe imitwe mugihe dusenga.

2 Data wa twese wo mu ijuru, tubona ko ari amahirwe akomeye, kuza kuri Wowe; tuzi neza ko nituza mu Izina ry'Umwami Yesu, twasezeranijwe ko tuzakira ibyo dusabye. Rero ntabwo tuje ku Ntebe y'Urubanza. Ntabwo rwose twifuza kuza yo, cyangwa ku Ntebe y'Ubutabera. Ariko twe … tuje ku Ntebe y'Impuhwe, aho—twizeye neza ko ibyifuzo byacu byemerwa. Kuberako, ntitwashoboye kwihanganira urubanza Rwawe, kandi ntidushoboye kubaho kubutabera Bwawe, ariko imbabazi Zawe nizo dusaba. Tubabarire rero, Mwami, ibyaha byacu. Turasenga ngo Ubitange, kandi ko Ubane natwe muri uyu mugoroba, subiza icyifuzo cyose pbyo biganza bigaragaza nkuko bizamuye. Uzi icyari munsi y'ikiganza, mu mutima. Kandi, Mana, ntagushidikanya ko byari uburwayi, n'agakiza, hamwe n'abakunzi. Turasenga uyu mugoroba, Data, cyane cyane kuri bo, kugira ngo Ubahe ubusabe bwabo.

3 Noneho twavuze ku mugaragu Wawe wizerwa, Aburahamu, dukomezanya nawe muri uyu mugoroba mu rugendo rwe. Turasenga ngo Uduhe umugisha mu gihe tumanuka umuhanda wo mumyaka amagana ashize, hamwe n'umugaragu Wawe wizerwa wizeye Ijambo Ryawe. Reka atubere urugero, nkuko Pawulo yabivuze mu Baheburayo, kubyo Aburahamu yari, urugero. Kandi turasenga ngo we, kwizera yari afite, kuduhishurira uyu mugoroba; kwizera Ijambo ry'Imana, kandi ntagurishidikanya, n'Ijambo rimwe, ariko wizere Ryose, kandi wizere ibyo Yavuze byose. Reka dushobore kubahiriza amasezerano Yadusezeranije, kandi tube abana ba Aburahamu turi muri Kristo. Tubisabye mu Izina rya Yesu. Amina.

Mwicare.

4 Mwenedata Borders ni muremure kundusha, ngomba rero kumanura mikoro hepfo gato. Kandi ni amahirwe kuba hano muriuyu mugoroba nanone muri aya materaniro no gusengera abarwayi, no gukora ibyo Umwuka Wera adusaba gukora. Ndashaka kuvuga ibi, bisingiza. Mu ngendo zanjye zose muri Amerika, Amerika no muri Kanada, nabonye ikintu ejo cyanshimishije kuruta intebe zose z'ababana n'ubumuga zirimo ubusa, n'inkoni zose z'ababana n'ubumuga zijugunywa, impumyi zibona, abatumva bumva, ibiragi bivuga, abapfuye bazuka, muganga ashyira umukono ku nyandiko ivuga ngo "umuntu yarapfuye, arazuka." Ibyo byose birashimishije. Ariko ubwo nabonaga abantu mu ijoro ryakeye, abayoboke b'itorero, bakira Ukuri bagahaguruka mu ruhame rw'abantu, bakatura ko bibeshye kandi bafite ubushake bwo gukora ibyiza, ibyo byari byiza birenze.

5 Itorero, ahari Umugeni arangije guhitamo. Ni, nimuritegure nonaha. Kumubona …

Ububyutse burarangiye. Turabizi. Nta mwuka w'ubyutse ukiriho. Amasaha abiri ya serivisi, abantu bose bakitotomba. Mububyutse, ni amanywa n'ijoro, igihe cyose, ntakuruhuka. Ububyutse bwarakozwe. Rero turi guhumbahumba gusa.

Aburahamu yagombabye kubira ibyuya kugeza abonye umuco. Hanyuma abonye imico, icyakurikiyeho ni ukumutegurira noneho guhura n'umukwe. Nicyo kintu gikurikira. Muribuka igihe yamubonaga? Ku mugoroba, umucyo wa nimugoroba.

Ukubita abagore n'abagabo, bombi, mu ijoro ryakeye; no kubabona, kubijyanye n'Ijambo, bahaguruka kandi bemera ko bibeshye, basaba imbabazi z'Imana, kandi bagakomeza. Niho hantu ho kugira ububyutse. Kubyo nzi, iyo haza kubaho ububyutse, bwari kubera hano, ahari imitima y'inyangamugayo. Kuki? Mufite ikintu cyo gukora, murebe. Ikintu … Benshi muribo bazagira ubwibone, ntibashaka ko ubibabwira; gusa mwibuke ko ubwo bwoko bw'urubyaro ari urubyaro rw'amadini, ntabwo ari Urubyaro rwa Aburahamu. Urubyaro rwa Aburahamu rubona Ijambo, kandi rwizera Ijambo, vuba.

6 Ubwo iriya ndaya nto, ku iriba ririya joro, umugore ku iriba … Hari abapadiri n'abigishamategeko bahagaze aho bareba Yesu akora, Abaha ikimenyetso Cye cya Mesiya, ikimenyetso cyo Mubyanditswe, baravuga bati: "Ni Beelzebub, shitani, umupfumu."

Ariko uwo Mucyo ukimara kumurikira uriya mugore muto, ubwo Yamubwiraga ibyo yakoze, ati: "Mugabo, mbonye ko uri Umuhanuzi. Kandi tuzi ko Mesiya aje, kandi, naza, Azatubwira ibyo bintu." Murebe, byihuse uru Rubyaro rwateganijwe mbere rwahise rubifata, kuko rwose rwari Urubyaro rwa Aburahamu. Nuko abona Umucyo. Ryari Ijambo. Yari azi ko Ijambo ryasezeranije ko, Mesiya naza, Azakora ibyo bintu, nuko arabimenya.

Yesu ati: "Ninjye uvugana nawe."

Yirutse mu mujyi agerageza kumvisha abandi. Yavuze ati: "Nimuze, murebe Umugabo wambwiye ibintu nakoze. Ese Uyu si we Mesiya ubwe?" Murabona?

7 Noneho ijambo rimwe gusa kuri bashiki bacu. Igihe cyose mfatwa nkumwanzi w'abagore, ariko sindiwe. Murabona? Nkiri umwana muto, nagize umwitozo ukarishye; ariko buri gihe nagiye nubaha cyane umugore wari umugore wiyubashye, umudamu. Ariko nta cyubahiro mpa abiyita bo kandi atari bo. Nkunda kubona umudamu, umudamu nyawe, ni urusaro rw'agaciro.

Muri uyi munsi aho umugore yataye umuco, yarakabije muri iyi minsi ya nyuma. Ibyanditswe birabivuga. Kuki? Ni amarembera y'igisekuru Muribuka icyanduye cya mbere? Yari umugore. Nibyo. Kandi ku munsi wa nyuma! Ntabwo twigeze tugira ibi; tumaze imyaka ibihumbi bitandatu abadamu bagerageje kuguma ari abadamu. None ubu baragerageza gukora nk'abagabo, bambara imyenda nk'abagabo, bogosha umusatsi nk'abagabo, n'ibindi n'ibindi. Ntabwo bigeze babikora mu bindi bihe. Bibiliya irabihanura, ko bazabikora mu minsi ya nyuma. None dore, kugorama kw'abagore. Ntibitangaje rero kuba Bibiliya ivuga iti: "Abarokotse muri Siyoni bazahabwa icyubahiro imbere y'Uwiteka, wa munsi." Reba, ukuntu abo barokotse!

8 Muragira muti: "Ntaho bitaniye." Ibyo biratandukannye. Hari umuntu wambwiye vuba aha, ati: "Mwenedata Branham, kiriya kintu gito ntacyo gihindura."

Navuze nti: "Pawulo byamubayeho. Kandi Pawulo ati: 'Niba umumarayika wo mu Ijuru aje akigisha ikindi kintu, reka avumwe.' Yaba umukozi, cyangwa umumarayika, cyangwa umwepiskopi, papa, cyangwa icyo aricyo cyose, reka avumwe niba hari ikinyuranyije n'ibi." Murebe, nibyo rwose. Abagalatiya 1:8, niba mushaka kuyisoma.

Na we ati: "Nibyo, sintekereza ko …" Ati: "Nabonye abagore bafite imisatsi migufi, bari boroheje kandi bitonze."

Navuze nti: "Nibyo rwose, nanjye narabibonye. Ariko ibyo sibyo. Murabona, ugomba kugera kubyo Bibiliya ivuga!"

Iyo Imana ibwira Mose iti: "Kuramo inkweto," akavuga ati: "Mwami, ndakuramo ingofero yanjye, mu mwanya wazo"? Murabona? Mugomba gukora ibyo Imana ivuga gukora! Kandi ikibazo nuko mbitekereza, ikimpangayikisha cyane, nuko abakozi bihanganira ikintu nkiki! Niki? Ibyo byerekana ko ari Adam ugezweho wajyanye numugore we. Murabona? Imana ishaka undi Adamu uhagaze hamwe n'Ijambo, kandi We wenyine, Ijambo ryonyine. Ijambo ni ukuri, uko byagenda kose! Ntukajye muri iyo nzira.

9 Nta na rimwe, mu myaka ibihumbi bitandatu, byigeze bibaho ko abagore bifuza guca umusatsi, kwambara nk'umugabo, igishegabo. Turi mubihe byanyuma. Kandi Amerika, umuntu wese uzi ubuhanuzi, azi ko Amerika ihagarariwe n'umugore. Ibi byitwa "umudendezo w'abagore." Ubwisanzure bw'iki? Gukora icyo ashaka, icyaha.

Umugore ntashobora gukora ibyo ashaka gukora. Bibiliya ivuga ko atari byo. Umugore ni urubavu rw'umugabo. Ntabwo ari no mu byaremwe by'umwimerere. Nibyo rwose. Yakuwe ku mugabo. Umuntu yari igitsina gore n'umugabo; Yafashe umwuka wa kigore awushyira mu rubavu ruva mu rubavu rwe. Mwumve! Mwabonye igihe Rebeka yajyaga guhura na Isaka, yamanutse ku ngamiya, yitwikira mu maso? Kuki? Yari aje ku mutwe we.

Ntabwo babizi. Bagomba kubikora, uko byagenda kose. Wabonye ko igihe umugore iyo igiye gushaka ashyira umwenda mu maso? Kuki? Aje ku mutwe we. Kandi Itorero, Itorero, kuba ari Umugeni, rigomba kwitwikira imbere y'imyizerere iyo ari yo yose, aje ku mutwe we, Ijambo. Kristo ni Jambo, kandi ni Umutwe.

10 Noneho, nshuti zanjye, sinshaka gutangira kuri ibyo. Na—Na—Narebaga hariya uyu munsi, hamwe n'amasomo magana atanu, aruta gato inyandiko magana atanu, z'inyigisho zimbitse kuri Bibiliya. Ariko ndashaka kugumana na Aburahamu muri aya materaniro, mu buryo cyangwa ubundi.

Murabizi, ndizera ko Uwiteka ashobora, niba benedata ntacyo bibatwaye, kandi n'abandi bose, ndashaka kugaruka hano ngakora ububyutse aho mushobora kumara umwanya muto, mukareba, aho twamanuka tukareba. [Iteraniro rikoma amashyi—Umw.] Murakoze. Murakoze. Murakoze. Nzi ko hano hari amafi, nda—nda—Ndabizi. Kandi nkunda kuroba. Kandi mufite ibikoresho byo gukora, umuntu w'inyangamugayo. Umuntu wese ashobora kwibeshya. Ntabwo mubizi; Mpfa buri munsi, ku makosa yanjye, kandi ngerageza kubaho imbere ya Kristo. Kandi umuntu uwo ari we wese ukomeye bihagije, kandi ufite Umwuka w'Imana uhagije wo kujya imbere no kwemera ko yibeshye, akavuga ati: "Ndashaka igikwiye," mfitiye ikizere cyinshi aho ngaho, kuko, ni Urubyaro rwa Aburahamu. Bashaka kubimenya. Ntabwo babizi keretse babyumvise. Ariko bigomba kumvikana mbere, aravuga ati: "Nigute twa … nta mubwiriza? Kandi ni gute umubwiriza ashobora kubwiriza niba Imana itamutumye?" Ni Ukuri rwose. Rero, mwitegereze noneho

11 Tugiye gusubira kuri Aburahamu noneho. Byaba byiza dusubiye kuri we, bityo, kandi tugakomeza. Murashobora kunyumva neza, hejuru hariya kuri balkoni ? Turi … Nibyiza kubona, uyu mugoroba, imbaga nziza nk'iyi. Muri abantu beza cyane hano. Nzi neza …

Naganiraga n'inshuti uyu munsi, iturutse muri Canada. Uwiteka yari yanyoboye ahantu runaka ngomba gutegereza ikintu runaka. Hanyuma mpagaze… Iyo nshuti, twarabonanye, yavugaga uburyo abanyamerika bagira urugwiro. Nagize nti: "Yego, kandi hano hari bamwe mu Rubyaro rw'Imana bateganijwe kuva kera, aha hantu no hirya no hino, ndetse n'ahantu habi cyane." Ntabwo mvuze uyu mujyi wanyu. Umujyi wanjye, nkomokamo, ni mubi nk'uwanyu. Ariko isi yose ni mbi, ariko ibibi byose byatembye bigana iburengerazuba. Turabizi. Umuco wagendanaga nabo. Kandi aho ikizungu kigeze aho icyaha kirimakazwa. Nibyo. Murirebe kuva hasi kugera hejuru. Iyi ni imva y'umubwiriza. Nibyo. Mureba i Los Angeles, ibintu byose na buri dini rigera aho, kandi abantu buri wese afite imyizerere, amahame. Kugira ngo winjizemo Ijambo, ntushobora kubikora. Biranduye cyane! Nibyo. Abadayimoni, amashitani, neza neza ikicaro cya satani! Ariko nyamara hagati yi'byo byose, naho harimo Urubyaro. Kandi ikintu kimwe gusa ushobora gukora nukwirakwiza Urumuri. Niba kandi igice cy'urwo Rumuri … Niba hari aho hari Urubuto, ruzamera Umucyo ukimara kurukubita. Ugomba kubiba Umucyo, ntakindi. Kandi ni Umucyo w'ikigoroba, turabizi, Ijambo Rye.

12 Mu by'ukuri ejo nimugoroba,twavuye kuri Aburahamu. Natangiriye—ku gice cya 22, ariko sinigeze bigeraho, kuko natangiye gushingira kubyo Aburahamu yari ari mwitangira. Twaramuretse mu ijoro ry'ejo aho Imana yasohozaga amasezerano Yagiranye.nawe. Yego, ndabikunda. Gutanyagura ingabo, kugirana a —amasezerano na Aburahamu. Ni gute twageze ... Igihe Yahamagaye Aburahamu, agiye kumusezeranya, Yamubwiye gufata amatungo atatu y'imyaka itatu, akayatandukanya. Kandi twabonye eshatu. Ntabwo dufite umwanya wo kubitindaho. Mana yanjye, urashobora kuguma kuri iyo, iyo ngingo imwe, aho ngaho, kugeza mugitondo, bidasobanutse. Ariko ushobora kuzamuka hejuru, kandi ugategereza ko Umwuka Wera muri iki gihe ahishura ibisigaye.

13 Noneho, Uburyo uko gutungana, Igitambo gitunganye, gitunganye, Imana yatunganije mu buzima bw'abantu ibyo Yari igiye gukora. Tuzi ko dufite … Twari dufite Imana Data, ari we Yehova Ushoborabyose. Mu by'ukuri, Uwari mu Inkingi y'Umucyo, Yajyanye Isiraheli mu butayu. Kandi Uwo Yehova ahinduka umubiri maze atura muri twe, mu buryo bw'Umwana We w'ikinege, yaremye Ubuturo kugira ngo Aturemo, Imana yigaragarije mu mubiri. Ubwuzure bw'Ubumana bwari muri We, kwigaragaza gutunganye. Noneho (kubw'isezerano) igice cy'umuntu cyamukuweho, Aratandukanywa, kugira ngo Ashobore (rya sezerano) gutandukana n'Umubiri wapfuye, Amaraso yamenetse kubwo kubabarira ibyaha, Arawuzura Awushyira mu kiganza Cye cy'iburyo, kandi Yohereza Umwuka ku munsi wa Pentekote. Kandi ubwo Buzima bumwe bwabaye muri Kristo Yesu bugomba kuba mu bantu basezeranijwe, Ubuzima bumwe bukora ikintu kimwe. Yesu yavuze muri Yohana 14:12, ati: "Unyizera, imirimo nkora na we azabikora." Rero, ibyo nibyo cyangwa sibyo. Bigomba kuba byo! Kuri njye, buri Ijambo rya byo ni ryo. Buri Jambo ni ukuri. Murebe uburyo Imana ikora imirimo ihimbaje.

14 Noneho nigute aba Data … Nkuko Matayo yabivuze, "Mugende rero, mwigishe amahanga yose, mubabatiza mu Izina rya Data, Mwana na Mwuka Wera." Murabona? Noneho, Data … Ibyo ntibishatse kuvuga ko dufite Imana eshatu. Dufite Imana imwe mu mirimo itatu (Ububyeyi, Ubwana, Umwuka Wera), Imana imwe ejo, uyu munsi, n'iteka ryose. Nibyo rwose.

Noneho murebe uburyo ibyo byabaye iby'icyubahiro kuri Aburahamu, n'uburyo Imana, muri uwo Mucyo, yagiye hagati y'ibyo bice, ikabicamo ibice. Nka … Twabonye ijoro ryakeye, uko bakoraga amasezerano, barayandikaga hanyuma bakayacamo ibice, hanyuma bakabihuza. Amasezerano agomba asobanutse.

15 Noneho murabona, nshuti zanjye, nibyo ngerageza kuvuga. Ndetse no mu bantu bacu ba pentekote, ahinduka ya shitani y'ubwenge, igerageza gukora ku buryo abantu … Mu by'ukuri, nizera rwose impano z'Imana. Nizera gukoma akaruru. Nizera kuvuga mu ndimi. Nizera ibintu byose Imana yavuze. Ariko nyamara, ntushobora kwishingikiriza kuri kimwe muri ibyo bintu nk'impamvu wabonye Umwuka Wera. Murebe, ubuzima bwawe bugomba kujyana nabyo. Murabona? … "Kubw'imbuto zawe uzamenyekana." Murabona? Kandi ibyo ni ibintu bimpangayikishije uyu munsi, kuko mbona itorero ryanjye bwite, itorero rya pentekote, rihinduka ubwo "buryo bwo kubaha Imana," bajya kure y'Ukuri. Kandi ubazanira Ukuri kw'Ijambo, bakaritera umugongo. Noneho babwire uti, "Nimuze twicarane," ntibazabikora. Murabona, byerekana ko hari ikintu kitagenda. Nibyo bimpangayikishije. Kandi, noneho, ntabwo ari uko ndwanya itorero ryanjye. Ndi …

16 Niba nkunda Kristo, byambera byiza cyane kwirata Itorero Rye kuruta uko namwirata. Kubera ko nahitamo ko wirata abana banjye kuruta uko wandata. Kandi, mwibuke, nakunze gutekereza, ndamutse mfite ibitonyanga bibiri by'amaraso asanzwe ya Yesu mu gikombe, nigute nagifata ngo ntaza kuyamena. Nagenda neza nitonze. Ariko uyu mugoroba mfite byinshi birenze ibyo, mu maso Ye, mfite gucungurwa n'Amaraso Ye. Urabona, Yamennye Amaraso Ye ku bwawe. Kandi ndi hano nka minisitiri muri uyu mugoroba, mfashe cyangwa mbereka aho mujya h'Iteka Ntabwo rero ngiye kwifashisha imyizerere iyo ari yo yose cyangwa amahame ayo ari yo yose; bigomba kuba ari Ijambo, 'kubera ko ariryo rizaramba. Ukwizera kwanjye gushingiye ku Ijambo, kandi Kristo ni Jambo. Niba kandi Kristo ahinduwe Ijambo, noneho Ijambo rigaragajwe neza muri twe. Murabona, bigomba kubaho!

17 Noneho rero, ndizera ko Imana yo mu Isezerano rya Kera, ibyo Yari byo byose, Yabisutse muri Yesu Umwana wa Yo. Kandi ibyo Yesu wo mu Isezerano Rishya Yari byo byose, Yabisutse mu Itorero Yaguze Amaraso Ye bwite. Murabona? "Hasigaye Igihe gito maze isi," kosmos, gahunda y'isi, "ntizongera kumbona. Nyamara muzambona," mwebwe, Itorero,"kuko nzabana na mwe, ndetse no muri mwe, kugeza ku mperuka y'isi." Noneho Ubuzima, Amasezerano, uwo Mwuka wakuwe muri Kristo i Calvary, waragrutse kandi usukwa ku bantu, Urubyaro rwa Aburahamu, abo Imana yasezeranije. Mwibuke, ntabwo byari ku mbuto ze zose, ahubwo ni "Urubuto."

18 Noneho, hariho inyigisho yo gutoranya iboze, ibitabapfu. Ariko mubyukuri hariho ibyateganijwe mbere. Imana, kubwo kubimenya mbere, Ishobora gutoranya mbere kuko ifite kumenya mbere. Imana ntishaka ko hagira n'umwe urimbuka, ariko, kubera ko Imana itagira iherezo, yari Izi uzarimbuka n'utazarimbuka.

Niyo mpamvu yavuze mbere yuko Yakobo na Esawu bavuka, Yangaga Esawu kandi Igakunda Yakobo. Kumenya mbere kwe kwamumenyesheje ko Esawu atagiraga icyo yitaho, anamenya ko Yakobo yubaha ubwo burenganzira bw'umwana w'imfura, atitaye ku kuntu yabubonye, yarabushatse. Rero, abahungu bombi, impanga, bavutse kuri nyina wera umwe na se umwe, ariko umwe yari umuhakanyi undi yari u—umwizera. Mu by'ukuri Imana, kubwo kumenya mbere kwayo, yari ibizi.

19 Noneho, Imana, kubwo kumenya mbere, Nta—Ntabwo igena ibikorwa byayo nka … Ntabwo wakora ubucuruzi bwawe utyo, ku mababi arekuye nkayo. Imana yari izi, kubwo kumenya mbere,yari izi uzakizwa, nuko yohereza Yesu gufata abo yamenye ko bazakizwa. Musome Abanyefeso, igice cya 1, murabibona. Murabona? Noneho, hariya.

Noneho yohereza Ubutumwa Bwiza kandi akabubiba, yohereza Umwuka We kugira ngo ayibesheho. Mu by'ukuri zombi zizakurira mu murima umwe, Abaheburayo 6 batubwira ko, "Ko imvura igwa kenshi," niko Yesu yavuze: "ku isi," kandi murabibona aho, "kwitegura, kwambika isi; ariko amahwa n'urwiri biri hafi yo kwangwa, iherezo ryabyo bigomba gutwikwa." Mwabibonye? Noneho mwibuke.

20 Tuzafata umurima w'ingano. Mwebwe abantu muhinga ingano hano. Kandi—amapfa araje. Hano hari ibyatsi birandaranda cyangwa ibyatsi bibi mufite hano, icyatsi kibi kizwi kimera mu murima, urumamfu mu murima, uruteja mu ...murima, urwiri mu murima. Kandi ingano ziri mu murima. Byombi bifite inyota. Kandi imvura ntabwo igwa kubw'ibyatsi bibi, ahubwo iza kubw'ingano, ariko icyo cyatsi kibi kizahagarara neza kandi kizishima nkuko ingano izishpma.

Ariko muzabamenyera ku mbuto zabo. Umwuka umwe agwa ku indyarya, igasakuza kandi igakomeza nk'abandi, ariko ubuzima bwayo nibwo bugaragaza icyo iricyo. Murabona? Kandi twishingikirijza cyane ku byiyumvoyumvo. Kandi uyu munsi umurima wuzuye ibyiyumvoyumvo by'ubwoko bwose, ubwoko bwose butari ubwa Bibiliya n'ibindi. Rwose. Ariko tugomba kugaruka ku Ijambo, Ukuri kw'Ijambo. Ijambo, icyo ryavuze!

21 Noneho, Imana ibwira Aburahamu ko binyuze muri we, isezerano rya gatatu, n'isezerano ryonyine. Yesu yari icyemezo gusa cy'amasezerano yagiranye na Aburahamu, Urubyaro rw'Umwami, Urubyaro rw'Umwuka.

Namwe nshuti zanjye z'Abagatolika, iyo muvuga ngo: "Ndakuramutsa, Mariya, nyina w'Imana," ntimugira isoni? Nigute Mariya ashobora kuba nyina w'Imana? Ntiyashoboraga kuba we. Muravuga muti, rero …

Mperutse kuvugana n'umuntu umwe, baratandukanye. Bavuze ko Yesu yari Urubyaro rwa Mariya. Niba yari Urubyaro rwa Mariya; mbere yuko urubuto rumanuka runyuze mu muyoboro, hagomba kubaho ibyiyumvo byo kuzana. Noneho urimo urakora Yehova … Murabona ibyo murimo gutuma Akora?

Imana, Rurema, yaremye igi n'akaremangingo k'amaraso, bibyara Ingando. Kandi umuntu ntacyo yabikoraho! Yari Imana yonyine! Nibyo.

Nta gushidikanya ko yari umugore mwiza. Hano hari beza benshi bicaye hano uyu mugoroba. Kandi iyo Imana ishatse gukoresha ikintu icyo aricyo cyose, ibikora bucece. Kandi ntabwo ari umuhuzakazi. Ntabwo ari nyina w'Imana. Ni umugore mwiza, wera uri mu Bwiza, kuko yakoraga umugambi w'Imana. Kandi buri mugore uri hano afite amahirwe amwe, birashoboka ko atari mu buryo bumwe, ariko yo gukorera Imana. Murabona? Imana izabakoresha.

22 Gusa Yamukoresheje mugusama, ariko Umwana yari uw'Imana. Yego, Yari Umuremyi wa byombi; igi n'uturemangingo tw'amaraso.. Kandi uturemangingo tw'amaraso tuva ku mugabo, birumvikana ko dukomoka ku gitsina gabo; kandi yari Umuremyi watwo. Kandi urwo ruhinja rwazanywe kwa Mariya nta byiyumvo, nkuko Umwuka Wera yamutwikiriye kandi akarema mu nda ye utwo turemangingo tw'amaraso n'iryo go byabyaye Umugabo Kristo Yesu.

Kandi iryo ryari isezerano Imana yandikaga, ko igihe Imana yahindukaga umuntu hagati yacu, icyo gihe Yaratabuwe. Murebe, batatu muri bo, imyaka itatu, hanyuma baratandukana. Kandi Imana yatwaye

igice kimwe Cyayo murugo, yohereza ikindi gice hano. Noneho iyo Umubiri wongeye guhura, bigomba kuba Ubuzima bumwe bwagengaga uyu Mubiri, bigomba kuba Ubuzima bumwe buzagenga uyu Mubiri. Kandi Yari Ijambo. Kandi Ni Ijambo! Murabona? Kandi imirimo Jambo yakoze kiriya gihe akora ibintu bimwe uyu munsi. Ni Ijambo, Ijambo Ry'iteka. Kandi Ijambo ry'Imana rihoraho. Nibyiza.

23 Noneho Yakoraga iki? Gukora urugendo, kumenya ko Isiraheli, Urubyaro karemano, ruzamwanga; ariko kumenya ko Urubyaro rwa cyami, bidaturutse ku mibonanompuzabitsina na Sara, ahubwo bivuye ku kwizera Aburahamu yari afite, kwabyaye Kristo, ni Urubyaro rwa cyami rw'amahanga yose, imvange, Umugeni asohoka mu mahanga yose. Aburahamu, se w'amahanga, atari ukubera ko yabanaga … n'umugore we Sara, akabyara umuhungu, ahubwo ni ukubera ko yizeye Ijambo. Amina. Nibyo.

24 Noneho dusanze, nyuma y'ibyo, umwitozo ukomeye. Noneho tugeze ku gice cya 17. Turaza kugerageza kureba 22, niba bishoboka. Igice cya 17. Mukunda urugendo hamwe na Aburahamu? Nkunda kubireba. Kubera iki? Ibyo yakoraga byose byari igicucu cyiza cy'Itorero. Urabyizera? Menyako, Ibyanditswe byose birabishushanya.

Murebe kuri Yoweli, ati: "Hazabaho, mu minsi y'imperuka, ko Imana izasuka Umwuka Wayo." Nigute nkongwa izaza ikarya itorero Rye! Ibyashigajwe n'uburima byariwe, kagungu, kagungu, ubuzukira." Kandi ni agakoko kamwe, agakoko kamwe mubice bine bitandukanye. Umwe wese araho igice. Hano haza ibishorobwa bishaje cyangwa nyamwihine bije kurya igishishwa, undi arya imbuto, hanyuma—hanyuma haje ibindi binyunyuza ubuzima. Nibwo …

25 Kristo, yari cya giti cyari mu Busitani bwa Edeni! Hari ibiti bibiri mu Busitani bwa Edeni Ibyo biti byombi byatewe aho hagamije kuvuka. Kandi igihe … Eva, yari igiti cy'urupfu aramutse akozweho. Kandi Kristo yari Igiti cy'Ubuzima. Noneho ku mugore haturuka urupfu; no k'Umugabo haturuka Ubuzima.

Rero ubwo yari ahagaze aho avugana n'Abayahudi, yaravuze ati: "Njyewe …ibyanyu..."

Bati: "Ba sogokuruza bariye manu mu butayu imyaka mirongo ine."

Yavuze ati: "Kandi bose, barapfuye! Ariko ndi Umugati w'Ubuzima, Igiti cy'Ubuzima, kiva ku Mana yo mu Ijuru, iyo umuntu ariye uyu Mugati ntazigera apfa."

26 Imana yashyizeyo Abaserafe, barinda icyo Giti, kugirango hatagira ugikoraho. Noneho Yakuyeho Abaserafe, agerageza kubinjiza mu giti. Umunsi wabo, babonye iyerekwa, bashaka Igiti, kugirango bagaruke nta mpongano. Ariko noneho nyuma yuko impongano ikozwe, satani arabahuma, ikabacisha hirya y'igiti. Ikitonderwa.

Igihe Kristo yazaga ku isi, Yari Igiti cyuzuye cy'Imana. Dawidi yarakibonye muri Zaburi ya 1, agira ati: "Igiti cyatewe ku mugezi, imigezi y'amazi." Inzuzi nyinshi, Amazi imwe; impano nyinshi, Umwuka umwe. "Amababi yacyo ntazuma."

Ariko ubwo Yazaga ku isi, byagenze bite? Imbaraga z'Abaroma zatemye icyo giti hanyuma zimumanika ku giti cyakozwe n'abantu. Noneho Imana yazamuye icyo Giti agishyira iburyo, hanyuma yohereza Umwuka kumutegurira Umugeni, nkuko Adamu yari akwiye kumugira mu Busitani bwa Edeni. Kandi igihe icyo giti cyatangiraga, cyari igiti cy'abapentekote.

27 Twumva papa avuga ati: "Amatorero yose, mugaruke mu itorero ryababye, mu ntangiriro. Mugaruke i Roma!"

Ndashaka ko umunyamateka umwe, umukozi w'Imana umwe, cyangwa hagire umuntu uhaguruka maze akandebe mu maso anyereke ko itorero ryatangiririye i Roma. Itorero ryatangiriye i Yeruzalemu ku Munsi wa Pentekote! Ni aho. Ishyirahamwe ryatangiriye i Roma, nyuma y'imyaka magana atatu n'ibindi. Ariko Itorero ryatangiriye kuri Pentekote; Imana izamura igiti-Mugeni wa Kristo, hamwe n'Umwuka umwe wari muri Kristo, azamura igiti-Mugeni. Uko byagenze? Ubwo cyatangiraga kuniha, gukura, agakoko k'Abaroma karacyuriye gatangira kukivuna. Ibyo inzige zasize, ingonokera yarabiriye, kugeza zigeze ku gitsinsi.

Ariko Imana yaravuze iti: "Nzagarura, ni ko Uwiteka avuze." Icyo giti kizatoha, kuko Igiti cy'Umugeni kiza nyuma y'Umukwe.

Kuza kwa Luther, yakoze iki? Hakurikira gutsindishirizwa.

28 Nguko uko itorero ryinjiyemo, Yohana yabwirije gutsindishirizwa. Kristo yaje abwiriza kwezwa. Abaheburayo … Ndashaka kuvuga Mutagatifu Yohani 17:17, "Bezeshe ukuri, Data. Ijambo ryawe ni Ukuri." Kandi Yari Ijambo. Nibyo. Yari Igitambo. Hanyuma, ku munsi wa Pentekote, hamwe n'Umwuka Wera. Gutsindishirizwa; kwezwa; kandi igihe igiti cyakiriye umubatizo w'Umwuka Wera, cyari igiti cyuzuye cy'Umugeni!

Abanyaroma barakirya. Nkuko byamanukaga, byarazamukaga! Kandi nkuko ibyo byatangiye kuzamuka

binyuriye muri Luther, ni iki? Nyuma y'urupfu rwa Luther, bararitunganije. Umugabo yakoze iki? Kurandura imizabibu ishaje.

Yagiye kure, kure cyane, umutima w'igiti cyakuraga. Ni igiti cyateganijwe mbere! Urwo rubuto rurimo, rugomba kumera! Kandi ibyo byaragarutse, Wesley aratangira. Kandi bagize ububyutse bukomeye mugihe cyo kwezwa. Byagenze bite? Yongeye kugikata, igihe bagitunganyaga. Nta narimwe idini ryigeze rivuka. Nta n'umwe waguye ngo abure kubyuka.

29 Hanyuma haza kuza abapentekote, hamwe no kugarura impano. Byakoze iki? Barayitunganije! Imana yakoze iki? Mugiteme!

Ariko Yavuze iki? "Nzagarura, ni ko Umwami avuga." Azavana muri iryo teraniro, Itorero ryogejwe na Maraso, ryaguzwe na Bibiliya, kandi ryanditswe bikomeye, Umugeni! Umucyo wa nimugoroba arasohoka. Imbuto zera he? Neza neza hejuru y'igiti. Ndasubiriye!

Tugaruke kuri Aburahamu, reka tugaruke kuri Aburahamu. Nguwo Araje, Urubyaro rwa cyami rwa nimugoroba rurinjiye. Amahanga … Murebe noneho nyuma y'igice cya 17, dusanga hano mugice cya 17, Imana yabonekeye Aburahamu mu izina ry'Imana ishobora byose.

30 Aburahamu yari afite imyaka mirongo cyenda n'icyenda, kandi icyo gihe cyose ntabwo yigeze azunguza ikiganza , ahubwo yizeraga Ijambo ry'Imana; akita ibintu bitariho nkaho biriho, 'kuberako Imana yabivuze, yizera ko umwana azaza, ahagaze ku masezerano. Mbega umugabo! Mbega mwenedata! "Aburahamu, nubwo nta byiringiro …" Inda y'urubyaro ya Sara yari yarapfuye. Yari ingumba. Umubiri we upfuye. Bibiliya ivuga ko aribyo, ko umubiri we wari umeze nk'uwapfuye. Inda ya Sara yari yarapfuye. Kandi ubu yari hafi y'imyaka mirongo ine ishize acuze, kandi Aburahamu yakomeje kubyizera, ko azabyara umwana kuko Imana yabivuze. Murahari. Guhagarara ku Ijambo 'kuko Imana yabivuze! Uko biri kose, amahame yararitwikiriye, kandi, iryo Jambo ryagume aho! Ryagombaga kuza. Kandi iryo Jambo ryashyizwe mu mutima wa Aburahamu!

Ni bangahe bavuga bati: "Iminsi y'ibi yarashize, na hariya." Igihe cyose iryo Jambo ririmo hariya, rizarema, kuko ni Ijambo rimera. Kuberako, Imana ni Jambo, kandi Ubuzima bw'Imana buri mu Ijambo. Mwitegereze noneho iyo iryo Jambo riguye mu buzima bw'Imana, ikintu kiraba, kirasohora. Mwitegereze noneho.

31 Hanyuma Yamubonekeye mu Izina ryImana ishobora byose. Rero, Imana ifite amazina arindwi yo gucungura. Kandi hano Yamubonekeye mu buryo bw'Imana Ishobora byose, bisobanura ngo "El Shaddai." Muri … "Shaddai," mu giheburayo. El bisobanura "gukomera." Shad bisobanura "ibere," nk'ibere ry'umugore. Noneho aho kuba "shad," mu buke; "Shaddai," mu bwinshi. Mu by'ukuri, mbega ihumure ryiza ku musaza w'imyaka ijana, wafashe Ijambo ryImana mu mutima we, kandi hano Ijwi ryImana riza kuri we rivuga riti: "Ndi El Shaddai. Ndi Imana yonsa."

Yoo, mbega ihumure dufite! Noneho, ntabwo, mwibuke, ntabwo ari "amabere" gusa, ahubwo ni "mugituza"! "Yabakomeretse kubera ibicumuro byacu; ni kubw'ibikomere Bye dukira indwara."

32 None, umubyeyi ni iki, hamwe n'umwana we muto, iyo arwaye kandi akagira inkeke? Afata uwo mwana we muto. Amufatira mu gituza cye kandi … yonka imbaraga za nyina mu mubiri we binyuze mu ibere. Kandi ntabwo anyuzwe gusa cyangwa ... Aratuje. Arimo avuza induru arabangamiwe; ariko iyo nyina amufashe akamushyira … amushyira ku ibere, agatangira kumuririrmbira, akamuzunguza imbere n'inyuma, yumva nyina, umutwe we uri mu gituza cye, atangira konka no gukurura imbaraga za nyina, mu mubiri we. Arimo kwiyubaka, yubaka imbaraga; kandi nanone aranyurwa, mugihe umunsi ku munsi agenda arushaho gukomera.

33 Mbega imyitozo ku Rubyara rwa Aburahamu! Aracyari Imana Ishoborabyose, El Shaddai! Dushobora gufata isezerano iryo ariryo ryose yatanze muri Bibiliya. Urubyaro Rwe, Bana Be, niba urwaye, fata gusa ibere ry'isezerano ry'Ijambo rigira riti: "Kubw'imibyimba Ye turakira." Birahagije! Kandi buri gihe dukura, imbaraga zacu, mu Ukomeye, El, Umunyembaraga, Uhoraho, dukura Ubuzima Bwe muri We, binyuze mu isezerano Rye.

Mbega ibyiyumvo biha umuntu uryamye mu gituza cya El Shaddai, yizera, azi ko tugaburira imbaraga za Kristo, uhereye ku isezerano Rye, muri twe!

Igihe El Shaddai yashyiraga Aburahamu mu gituza Cye, imyaka makumyabiri n'itanu mbere; umusaza, ufite imyaka mirongo irindwi n'itanu, n'umugore we mirongo itandatu n'itanu; ntabwo yigeze ava kuri iryo bere. Yanyuze mu gihugu cy'abanyamahanga, mu banyamahanga, batazi Imana, ariko ahora atanga ubuhamya kandi akomeye mu kwizera, asingiza Imana, kuko yari azi ko akura muri iryo sezerano.

34 Mbega ibyiringiro ku itorero uyu mugoroba, mugihe cy'umwijima, imiziririzo, imyiyumvoyumvo, abaminuje. Umwuka Wera yagize ati: "Mu minsi y'imperuka hazaza itorero ry'ubwenge. Umwuka avuga yeruye, "Timoteyo ya mbere 3," mu bihe bya nyuma bamwe bazava mu Kwizera, bite ku myuka ireshya,

hamwe n'inyigisho za satani, "nta gushidikanya," bafite uburyo bwo kubaha Imana. " Bakoraga iki? "Ubutware, ibitekerezo byo hejuru." Dogiteri Ph.D., LL.D., QST, aya mazina yose. "Kuki, Dogiteri runaka mu gihe runaka ari umushumba wacu."

Nahitamo ko umugabo runaka yaba mu muryango wanjye, cyangwa umwana wanjye, utazi gutandukanya ibishyimbo bitonoye n'ikawa, ariko azi Kristo! Nibyo. Mumusohokane ahantu runaka ku gishyitsi gishaje hanyuma mupfukame kandi musenge hamwe kugeza Umwuka Wera amwinjiyemo. Nahitamo kugira ibyo kuruta psychologiya zose ushobora kumusukaho kurwego rwa muganga. Mubwire Ijambo ry'Imana! Yego.

35 Ati: "Ariko umutwe, ibitekerezo byo hejuru, abakunda ibinezeza kuruta gukunda Imana, abuza amahoro, abashinja ibinyoma, badahwitse, kandi basuzugura abakwiriye."

Yoo, muravuga muti: "Ni Abakomunisiti." Oya, oya! Ni ingirwabakristo.

Bagira uburyo bwo kubaha Imana, ariko bagahakana Imbaraga Zayo, bagendere kure. Kuko ni muri babandi bajya mu nzi ku yindi, bakayobora abagore batagira ubwenge, bayoborwa n'irari ritandukanye, badashobora na rimwe kumenya ukuri." Nibyo. Nibyo. Kandi turabona uwo munsi.

36 Kandi mbega ihumure ku bizera, kwitandukanya no kutizera kwose, imyizerere yabo yose itubaha Imana, inyigisho zabo zose zitubaha Imana, hanyuma ukareba kuri Kristo ugafata Ijambo, ukaguma kuri iryo Jambo kugeza ubonye rigaragaye. Nubwo ugomba gutegereza igihe kingana gite, guma aho! Imana yarabisezeranije. Yakuyoboye kuri ryo, komereza aho! Guma aho. Ntiwongere kurifata. Guma aho. Niba ubyizeye neza, uzahaguma. Ariko niba ushidikanya, uzikuraho buri kantu gato kose. Inkende ifata ibintu bishashagirana, ariko idubu rifata umuhigo wayo Noneho, murasigara! Yego, komeza, fata neza!

37 El Shaddai! Yaravuze ati: "Ndi El Shaddai. Aburahamu, Ndi Umunyembaraga. Uri umusaza. Ufite imyaka ijana ubungubu, imbaraga zawe zose zashize; ariko ndi Imbaraga zawe! Ibyiringiro byawe byagiye; ariko ndi ibyiringiro byawe!"

Yoo, mwebwe muri kubabara uyu mugoroba, mufite kanseri n'ibindi, ntimushobora kubona aho Imbaraga zanyu ziva? Ntabwo zivuye ku cyuma cy'umuganga ubaga, ahubwo ziva mu Ijambo ry'Imana! "Ndi umugabane wawe! Ndi Imbaraga zawe! Uvoma imbaraga zawe muri Njye!"

Ntabwo ari ukwirengagiza umuganga ubaga ubungubu; akora uruhare rwe ku bimureba. Ariko Imana niyo ikiza. Nta ubaga, nta muganga, nta muti wigeze ukiza. Oya, mugabo, nta muti numwe bafite ukuza. Mu by'ukuri, umuganga wese azabikubwira. Bafite ubufasha, ariko Imana niyo Ikiza. Bashobora guca indasago mu kigaza, ariko Imana igomba kuyikiza. Ntacyo bafite cyo kubaka uturemangingo; niba babishoboye, bashobora kubaka umuntu. Urabona rero, Imana niyo Mukiza. Murashobora kunga igufa, ariko Imana igomba kurikiza. Imana ni Umukiza, "Ndi Umwami ukiza indwara zawe zose." Kandi ntushobora gutuma Ijambo ry'Imana ribeshya; ibyo bizagaruka ku kuri buri gihe, ako kanya. Ntushobora gutuma ribeshya.

38 Noneho baravuga ngo Bibiliya irivuguruza ubwayo. Narabajije, kandi mbwira abagabo ko nzabaha umushahara w'umwaka ku murimo, niba mbishoboye, ibyo nshobora gukora byose, kugira ngo banyereke ijambo rimwe muri Bibiliya rivuguruza irindi. Nibyo. Ntabwo aribyo. Ni ukubera ko ubwenge bwawe bwa kamere bureba uko bikorwa. Umwuka Wera ni Umusobanuzi w'iryo Jambo. Iryo Jambo ni ukuri, rishyizwe hamwe. Byose birahari aho nka puzzle, ariko bisaba Umwuka Wera kubishyira hamwe, kugira ngo bibe ishusho yo gucungurwa kw'Imana n'imigisha yayo kubantu bayo. Amina. Ntabwo byivuguruza! Nta Byanditswe Byera, nta murongo numwe wabyo, uvuguruza uwundi. Niba aribyo, ntibifite agaciro kangana n'urupapuro byanditseho, birabeshya. Imana ntibeshya. Imana ni ukuri, umukiranutsi, Irera, inyangamugayo. Ni Imana.

39 Noneho, igihe Aburahamu yabonaga iri jambo, ngo "Ndi El Shaddai. Ndi Uguha-imbaraga Umugore wawe, urura rwe rwarumye, afite imyaka mirongo ine yo gucura, umubiri wawe ni nkuwapfuye; ariko ndi El Shaddai." Amaze kuzana Ishimayeli, murabizi; ariko yagize ati: "Ntabwo ari we. Oya, azaba ari umuntu ukomeye. Agiye kubyara ibikomangoma byinshi. Ariko uwo nasezeranije, ari hagati yawe na Sara." Nibyo! Amina. Aburahamu yumvaga ameze neza.

Yaravuze ati: "Noneho ndashaka kukubwira ikintu, Aburahamu. Ngiye guhindura izina ryawe." Yavuraze ati: "Ntuzongera kwitwa Aburamu, ahubwo ni Aburahamu." Aburamu bisobanura "hejuru—hejuru data." Ariko Aburahamu bisobanura "se w'amahanga." Kandi S-a-r-a-i ntakiriwe; ni S-a-r-a-h, Sarah, "umwamikazi." Amazina yabo yarahinduwe! Mbega izina-izina ryahinduwe! Ikintu cyarabaye kuko ari … Murebe, hagomba kubaho impinduka mbere yuko ibintu biba. Ntiyashoboraga kubaha umwana mugihe amazina yabo yagumyeho.

40 Kandi ntushobora kuvuka ubwa kabiri mugihe izina ryawe riitari mu gitabo cy'ijuru. Urashobora kurishyira kuri buri torero, Metodiste, Batisita, Peresibiteriyeni, ukarivana hamwe ukarijyana ahandi; ukayitaho yose ariko rigomba gushyirwa mu Gbitabo cy'ijuru mbere yuko hagira ikiba kandi ikiremwa

gishya kikabona kuza. Mbere yuko ubuzima bushya buza, amazina yabo yagombaga guhinduka. Mwagombye guhindura iryanyu, ryo muri bya bitabo byakozwe n'abantu, mu Bitabo by'Ijuru.

"Icyo gihe, izina ryawe ntirikiri Aburamu, 'sogokuru'; ahubwo ni Aburahamu, 'se w'amahanga.' Ntakiri (Sara), Sarayi, ahubwo ni Sara, 'umwamikazi.'"

41 Yoo, tugeze noneho ku gice cya 18. Kuva kuri 17, reka tujye kuri 18, 'kuberako ari … Sinshaka kujya kure yabyo kuri uyu mugoroba, kukugumana hano, 'kuko ndashaka ko uzagaruka ejo nimugoroba. Noneho murebe. Kandi tuzagera, byihuse bishoboka kuri 22. Murebe noneho. Ubwo ibyo byabaga umwe, wenda, tuvuge, iminsi ibiri cyangwa itatu nyuma yibyo, Aburahamu na Sara, amahema yabo yarashinzwe.

Mumanuke epfo mu mujyi, ndatekereza ko Madamu Lot yari yambaye imyenda y'amamoderi mashya bari bafite hariya. Kandi yari afite imisokoreze n'ibindi byose bari bafite. Yabagaho mu bukire gusa, kandi n'abakobwa be bose babagaho kimwe nawe Neza neza nkuko nyina w'indaya ushaje yakoze uyu munsi, kandi ategeka abakobwa be bose gukora ikintu kimwe.

Noneho, ariko Sara, nyamara umugore mwiza cyane mu gihugu cyose, yari yicaye mu butayu, kuko yari akomeye ku wari afite amasezerano. Noneho nibyiza ko mva hano, 'kuberako nzagenda, nzaba … Nzakugumisha hano kugeza saa sita z'ijoro. Yihambiriye kuri Aburahamu. Nibyo. Yari afite isezerano.

Komera kuri Kristo, Niwe ufite isezerano! Ni Isezerano. Ni Isezerano! Ikitonderwa .

42 Umunsi umwe, izuba ryaramutse ricanye mu gitondo, Aburahamu yari yicaye mu gicucu cy'ihema rye iruhande rw'igiti. Yarebye hasi, bigomba kuba byari hafi nka saa tanu, abona abagabo batatu baje, bagenda, umukungugu ku myenda yabo. Aburahamu ariruka. Hari ikintu mu mutima we cyatumaga yumva ameze neza, ariruka yikubita hasi ku birenge byabo. Kandi murebe, ati: "Mwami wanjye!" Ese ntibitangaje? Batatu muri bo; ariko "Mwami wanjye"!

Murebe Loti. Igihe babiri muri bo bajyaga yo, babiri gusa muri bo, aravuga ati: "Databuja." Loti yabise "batware." Aburahamu … Loti yise, babiri, "abatware."

Aburahamu yise umwe muri bo, "Mwami! Mwami wanjye!" Amina! Yoo, igihe kiregereje! Mwitegereze, yagize ati: "Mwami wanjye, niba nagiriye ubuntu imbere Yawe, ngwino, wicare munsi y'igiti. Reka nzane amazi make, mboze ibirenge, kandi mufate ku mukate. Erega iyi ni yo mpamvu yonyine yatumye uza kundeba." Baragenda

43 Arasohoka, anyura inyuma y'ihema, maze aravuga ati: "Sara, kora vuba imigati uyotse mu ifuru. Yarasohotse afata inyana nto, arayica, arayitekesha, atunganya imbavu, azana amavuta n'amata, hanyuma—abishyira imbere y'umugabo, bararya.

Kandi umwe muri bo yari Imana Ubwayo! Nibyo Bibiliya ivuga. Noneho niba mushaka kubijyaho impaka, jya imbere. Yamwise "Elohim, Mana." Yagombaga kumumenya; yavuganaga na We. Mwitegereze, "Mwami Mana!" Mu by'ukuri, umwe muri bo yari Imana. Aramwitegereza. Aburahamu yaramumenye. Noneho reba hariya.

44 Rimwe umukozi umwe yarambwiye ati: "Mwenedata Branham, ntumbwire ko wemera ko, uriya Muntu yari Imana?"

Naravuze nti: "Aburahamu yavuze ko ari.We. Abasemuzi bose babihinduye kimwe, inyuguti nkuru L-o-r-d. Kandi umuntu wese usoma Bibiliya azi ko Umwami n'inyuguti nkuru L-o-r-d ari Elohim. Riva ku ijambo rimwe, Elohim! 'Mbere na mbere, mu ntangiriro, Imana yaremye,' Elohim, Ishoborabyose, Iyibeshejeho Ubwe, 'Yaremye Ijuru n'isi.' Ari hano kandi, ahagaraye imbere ye."

Yavuze ati: "Ni byiza, urabizi, "uwo—uwo yari umuntu gusa."

Naravuze nti: "Ni ukuri, Yariye inyama, Yarariye, Anywa amata, kandi Arya umugati." Naravuze nti: "Ni ukuri, Yari Imana."

Yaravuze ati: "Bishoboka bite?"

Navuze nti: "Mugabo, wowe—wowe …"

Njye - Nizere ko batakubabaje; bari Abahamya ba Yehova. Yarambwiye ati: "Nibyo, Bwana Branham, reba hano, ndashaka kugira icyo nkubwira. Imana ntishobora gukora ibyo."

Naravuze nti: "Gusa ntabwo uzi Imana yanjye. Ni ibyo." Naravuze nti: "Umubiri w'umuntu ugizwe niki? Ibikomoka kuri peteroli, potas, n'umucyo w'isi, ibintu cumi na bitandatu. Gusa ikintu Imana yagombaga gukora kubwo kumanuka gukora iperereza kuri Sodomu, gusa yateze ikiganza maze azana ikiganza cy'urumuri cosmique na peteroli !' Yaravuze ati: 'Ngwino hano, Gaburiyeli, injira hano.' Nibyo. Yarambuye ikiganza abona undi mukungugu, 'Ngwino hano, Mikayeli, injira hano.' Kandi byabaye umwe." Yagombaga kwerekana ikintu Yari agiye kuba mu minsi ya nyuma, nuko Aramanuka ahita avugira mu mubiri w'umuntu.

Nibyo rwose. Yoo, ndanezerewe rwose ko ari uko ameze!

45 Umunsi umwe, yenda nta nakimwe kizasigara cyanjye. Nanjye ngizwe n'ibintu cumi na bitandatu. Nari ndimo nsokoza imisatsi ibiri cyangwa itatu isigaye, undi munsi. Umugore wanjye yaranyitegereje, arambwira ati: "Billy, urimo kuzana uruhara."

Navuze nti: "Sheri, nta n'umwe natakaje."

Yaravuze ati: "Wari ufite umusatsi mwinshi."

Naravuze nti: "Yego, ariko sinigeze ntakaza n'umwe muri yo."

Yaravuze ati: "Ndagusabye umbwire aho yagiye."

Naravuze nti: "Noneho, sheri, urambwira aho yaturutse mbere yuko nyibona. Kandi aho yari hose mbere yuko nyibona, yarihari itegereje ko nza aho iri."

46 Amina! Imana ihabwe icyubahiro! Bibiliya iravuga iti: "Nta musatsi n'umwe wo ku mutwe wawe uzarimbuka!" Haleluya! Nibyo rwose. Ntabwo yari, nyamara iri; kandi nyamara ntikiriho, noneho iriho. Rwose. Ni ukuri! Peteroli, cosmic light, calcium, potash, ni'bindi (ibi ni ibigize umubiri w'umuntu). Imana … Ubwo nzaba ntacyo ndi cyo, nta kintu ushobora kubona, gusa ivu, Azavuga, haleluya, ajugunye iyo potas na peteroli hamwe, kandi nzongera kubaho imbere Ye. Haleluya! Aduha Ubugingo Buhoraho. Amina. Ati: "Uwo Data yampaye wese, nta kintu bitwaye, kuko nzamuzura mu minsi y'imperuka." Ndabyizera! Nk'Urubyaro rwa Aburahamu, ntegereje uwo munsi! Ndimo gushakisha Umujyi Wubatswe kandi wakozwe ni Imana. Amina. Rwose. Nubwo ibi byose byakononekara bigata umwimerere, umusatsi ukagwa, uko byagenda kose, Imana izongera kuyigarura, mu bwiza bw'ubusore, kuri uriya munsi wanyuma. Yasezeranije ko azabikora, kandi ndashakisha uwo Mujyi! Amina. Yoo! Mana! Ndumva mbaye umunyedini cyane, kubwo kumenya, kandi ibyo byiringiro by'umugisha birantegereje Hariya. Ndashaka uwo Murwa. Umutima wanjye niwo uterera. Yego, ntabwo nzareba hirya, ariko nzatumbera neza aho Hantu. Mana, umfashe kuguma aho, nkiranutse kandi no kwizerwa, ntanga ubutabazi bw'ubuzima, ahantu hose, no kuzana abagenzi bose bananiwe nshoboye, gukurikira.

Nibyo, mperutse kugira iyerekwa ryabyo, kandi narabibonye, kandi mbona abanjye bahari, barongeye kuba urubyiruko. Ni ho. Ni ho.. Nzi ko ari ho! Nibyo, Mugenzi! Noneho, birashoboka ko mwabisomye muri the Christian Business Men's Voice n'ibindi binyamakuru byinshi n'ibindi byabivuze. Nshuti zanjye, ibyo ntibyari iyerekwa. Nabonye amayerekwa, ndabizi, nkwiye kumenya icyo afite, ku bihumbi icumi Yampaye. Ariko iri ntiryari iyerekwa. Nari aho, mpagaze aho, ndeba inyuma. Kandi nzi ko ari aho. Ni aho, nshuti zanjjye, ni aho! Nzi ko ari aho! Yego mugenzi! Nkuko nzi neza ko mpagaze hano, mumfashe rero, niba mfite umwuka ukiranutse kandi nkaba mpagaze hano kuri iki gicaniro, ni aho nyine! Imana yatanze isezerano Ryayo, kandi ni ukuri, ni ukuri! Nibyo, mugenzi. Ni aho. Icyitonderwa.

47 Noneho tubona ko, aba bagabo baricaye kandi bararya. Babiri muri bo barahagurutse bajya i Sodomu. Umwe yagumanye na Aburahamu. Reka turebe ikiganiro cyabo. Bakomeje kureba i Sodomu. Kandi Aburahamu yari azi ko hari ikintu kidasanzwe kuri ibyo. Hanyuma Avuga, amaze kwitegura kugenda, aravuga ati: "Utekereza ko ngomba kwirinda Aburahamu; kubera ko azaba se w'amahanga, nzi uko azarera abana be, n'ibindi; ikintu ngiye gukora?" Yavuze ati: "Ibyaha bya Sodomu birabije kugeza bigeze mu matwi Ye." Yaje gukora iperereza.

48 Noneho mwibuke, nkuko nabivuze mu undi mugoroba, babiri muri izo ntumwa bamanutse i Sodomu, babwiriza abo Banyasodomu; nuko babahuma amaso muri iryo joro, ku Ijambo. Ariko, mwibuke, hariho Umwe; bo, bari bafite ikimenyetso cyabo, Umunyamahanga muri bo.

Murebe Loti. Loti yari yicaye ku irembo, ati: "Databuja." Kandi kubaho muri ubwo buryo! Ati: "Injira mu nzu yanjye." Yaravuze ati: "Tuzaryama mu muhanda." Mbega urugo!

Ariko Aburahamu akimara kubakira; baravuze bati: "Iyi niyo ntego yatuzanye. Twicaye hano iruhande rwawe."

49 Niko bimeze. Baho ku buryo, niba Imana ishaka kugukoresha, Izamenya neza aho izaza kugushaka. Uri mu mwanya runaka, ubaho ubuzima butanduye imbere y'Imana, amagambo yawe ni ukuri , ubuzima bwawe ni inyangamugayo. Aho niho hantu Abamarayika baza. Murebe—kuri Elisabeth na Zakariya, murabona, umukiranutsi w'inyangamugayo, ugendera mu mategeko yose y'Umwami. Nibwo buryo dushaka kubaho, rero, iyo Imana yiteguye kudukoresha, Iravuga iti: "Ubu ni ubwoko bwanjye. Nshobora gukoresha iri torero icyo nshaka. Baranyizera. Bahagaze ku Ijambo Ryanjye." Reba, nibwo buryo ushaka gukora, ubeho ubuzima.

50 Noneho tumenye ko uyu Mumarayika, yagize ati: "Ntabwo ngiye gusiga Aburahamu. Ariko Nzasura mu gihe cy'ubuzima." Kandi, mwitegereze, ntabwo yamwise Aburamu, Yamwitaga "Aburahamu." Nigute Yamenye ko iryo zina ryahinduwe? Niwe Wabihinduye. Nibyo. Menyako, atigeze ahamagara Sarayi,

urabizi, S-a-r-a-i. S-a-r-a-h, "Umugore wawe, Sarah ari he?" Nigute yamenye ko yubatse? Nigute yamenye ko afite umugore, kandi yitwa Sara?

Aburahamu na we ati: "Ari mu ihema inyuma Yawe." Mbega umudamu nyawe!

51 Uyu munsi, abagore barajijutse! Buri … Umugabo wabo ntashobora no kuvuga. Baguma aho, isegereti mu ntoki, bambaye ikabutura, bakora ibiganiro byose. Mbega ubwoko bugoretse bw'abantu, agomba kuba umutetsi mukuru no koza amacupa, n'ibindi byose! Iyo avuye mu gikoni, aba ataye inshingano ze, nibyo, nk'umubyeyi.

Noneho turabimenye, abategarugori bagumaga inyuma kandi bakitwara, bagakora nk'abadamu, umutware wabo niwe wafataga ibyemezo n'ibindi.

Kandi gerageza kureka umugabo abibwirw umugore we; aravuga ati: "Ngiye ku kwereka ubu nonaha!" [Mwenedata Branham akubita - Umw.] asohora uwo mwotsi mu kanwa, usa gutya, nk'ikintu giteye ubwoba. Sinigeze mbona ibkntu nk'ibyo! Kandi murashobora kwiyumvisha hariya, hanyuma ugahagarara aho ukitegereza uwo muntu, ukamenya uwo mwuka urimo, n'iibyo bintu; kandi birashoboka kuririmba muri korari mu itorero runaka. Yoo, umunsi nkuyu turimo! Ntibitangaje ko turi kuri uriya munsi! Ni—Nizere ko mushobora gufata umurongo mukumva icyo nshatse kuvuga.

52 Menya ko, hari aho. Sara yari mu ihema, aguma mo kandi yitwara neza. Aburahamu yarimo aganiriza abo Bamarayika. Noneho, ati: "Ngiye kuzagusura."

Kandi Sara yarumvaga. Asekera mu matamatama, ati: "Njyewe, umukecuru, nkanjye, kandi databuja na we arashaje, akavuga ko tuzongera kwishima nk'umugabo n'umugore?" Maze araseka.

Marayika, ateye umugongo ihema, ati: "Kuki Sara asetse?"

Mwibuke, icyo cyari ikimenyetso cya nyuma cyerekana ko Urubyaro … cyangwa Aburahamu ubwe, ari urugero rw'Itorero, cyari ikimenyetso cya nyuma yakiriye. Mu bindi bimenyetso byose yabonye, nicyo cyanyuma mbere yuko Sodomu irimbuka. Nibyo? Ikimenyetso cya nyuma!

53 Igihe Isiraheli, imbuto yakurikiye Aburahamu. N'Abasamariya, bari urubyaro rwanzwe rw'ubwoko ruvanze, nyamara bari bamutegereje, baravuga bati: "Umubyeyi wacu Yakobo yaduhaye iri riba", niko umugore yavuze i Sychar. Murabona? "Umubyeyi wacu Yakobo, yahaye iri riba Yozefu, umuhungu we, kandi twarinywereyeho, kandi avomeye ingamiya ze. None Uravuga ko Ufite amazi, ibintu nk'ibyo?" Murabona? Kandi ikimenyetso cya nyuma cy'urubyaro rwa Isiraheli, karemano, rwakiriwe, yari ubwoko bumwe bw'ikimenyetso! Wauu! Ntubibona? Tekereza umunota!

Ikimenyetso cya nyuma cyerekana ko Aburahamu yagiranye isezerano, ikimenyetso cya nyuma mbere yo kwanga itorero ry'akazuyazi, no kurimbuka kwaryo, cyari ikimenyetso cyo kurondora ibitekerezo mu mitima no mu bitekerezo, Imana yagaragaye mu mubiri wa kimuntu.

Kandi ikimenyetso cya nyuma Isiraheli yabonye mbere yuko ikurwaho, cyari kimwe. Baravuze bati: "Ni Beelzebub; umupfumu."

54 Ubu ni isaha! Mana, reka ibi byinjire! Rero harageze, Urubyaro rwa cyami rwa Aburahamu! Mwabyumvise? Imana yigaragaje mu mubiri wa kimuntu, ibaha ikimenyetso cyabo cya nyuma mbere yo kurimbuka kw'abantu b'akazuyazi no kugenda nkuko yabikoze. Ubwanyuma! Ubwiza bwa nyuma bw'isubira inyuma kwa Loti! Reka ibyo bishire umunota umwe.

Aburahamu, rimwe; urubyaro karemano ya Aburahamu, kabiri; Urubyaro rwa cyami"rwa Aburahamu, gatatu.

Mwitegereze, Ubutumwa ntabwo bufata akazuyazi hariya. Ibyo byagiye he? Yoherejwe kub'apentekote, abatowe, abanzwe.

Kandi nkuko Isiraheli yabigenje icyo gihe, mirongo cyenda- … Murebe umubare, murebe umubare wa Abayisiraheli bamwakiriye. Ubo igihe cyageraga cyo kuzamuka hariya hejuru, bari ijana na makumyabiri kuri miliyoni enye.

55 Noneho mwitegereze Urubyaro rwa cyami. Murebe, bigomba kuza inshuro eshatu, murebe, aho mwajya hose. Hamu, Shemu, n'abantu ba Yafeti. Urubyaro rwa cyami rwa Aburahamu! Dore Aburahamu; Urubyaro karemano; Urubyaro rwa cyami. Ibintu byose! Urubyaro rwa cyami ni muri Kristo, binyuze … Tugeze ku isezerano rya Aburahamu Imana yamuhaye binyuze muri Kristo, Urubyaro rwa cyami. Kandi uru ni Urubyaro rwa cyami iri torero ry'Umwami Yesu yagaruye mu minsi ya nyuma. Urubyaro rwa cyami. Murebe, yakiriye icyo kimenyetso! Urubuto rwa cyami ubwe yaravuze, igihe yari hano, ati: "Nkuko byari bimeze mu gihe cya Loti, niko bizagenda mu gihe cy'Umwana w'umuntu." Urubyaro rwa cyami, Urubyaro rwa Aburahamu, yariyamiriye; Loti nawe, mwenese, akazuyazi, hariya i Sodomu; hanyuma Umunyasodoma, isi. Uyu munsi, isi; isi y'itorero; n'Urubyaro rwa cyami. Neza neza, bajya mu myanya

n'ibindi byose, neza hakurikijwe gahunda. Kandi Imana, hamwe n'isezerano Ryayo, yamanutse, yerekana ikintu kimwe. Amina. Niba bidatunganye, sinzi gutungana icyo aricyo. Ni Ibyanditswe Byera!

56 Mwaze mu ndimi, mubyina mu Mwuka. Mwagize ibyo byiyumvo byose, mwabonye ibitangaza byo gukira, n'intebe basunika, n'ibindi n'ibindi. Twabonye ibyo byose Ariko hano, dore ikimenyetso cyanyuma gikozwe ubu. Aburahamu yabonye ibintu byose Imana yagiye imukorera inzira yose, ariko dore ikimenyetso cya nyuma, mbere yuko umwana w'isezerano aza. Noneho Urubyaro rwa cyami rutegereje Umwana w'isezerano. Haleluya! Twaba, twaba dushaka Umwana w'isezerano? Reka Umwana w'Imana agaruke! Haleluya! Yoo, ibyo bituma numva nasakuza. Murebe! Urubyaro rwa cyami rurashaka Umwana w'isezerano. Nkuko Aburahamu yabikoze mu myaka yashize, yubahiriza, agumya kuri iryo Jambo, n'Urubyaro rwa cyami rwakoze ibintu bibi. Kandi Urubyaro rwa cyami rucunga uwo Mwana uzaza, ukuza k'Umami, binyuriye mu rukerera rwa mbere, urucyerera rwa kabiri, urucyerera rwa gatatu kugeza ku rucyerera rwa karindwi, kandi hano turacyategereje Urubyaro rwa cyami. Kandi ni iki tubona mbere gato yo kuza k'Umwami? Bigenda bite? Imana imanuka hagati yacu, yerekana Urubyaro rwa cyami nkuko yakoze Urubyaro rwa Aburahamu; na Aburahamu, n'urubyaro rwa Aburahamu, kandi nguru hamwe n'Urubyaro rwa cyami. Imana ituye muri twe muburyo bw'Umwuka Wera, Ikora ibintu bimwe Yakoze hariya, Isohoza, Yerekana ko ari kimwe.

No kubushakashatsi bwa siyanse ku ifoto, isi irabizi, isi ya siyanse izi ko arukuri.

Itorero rizi ko arukuri, ku isi yose.

57 Kandi nizera ko Urubyaro rwose rwateganijwe mbere ruri hafi kwinjira, urugi ruri hafi gufungwa, n'urubanza riri hafi guhana. Nibyo. Imana ntizahora ihanganye n'umuntu. Izakora ibyo ashoboye byose. Ariko isaha iregereje, nshuti zanjye. Ikitonderwa.

Ngiye kubaha ikintu cyabafasha ubu. Mwibuke, ni ikihe kintu cyakurikiyeho ubu? Mbere yuko bakira urubyaro rwa cyami, hagomba kubaho igitangaza kuri Aburahamu na Sara, mu mubiri, mbere yuko habaho urubyaro rwa cyami… cyangwa mbere yuko urubyaro ruvuka. Mu by'ukuri, Bibiliya ivuga iti: "Noneho, umubiri wa Aburahamu wari umeze nk'uwapfuye." Ntabwo aribyo? Bibiliya yaravuze iti: "Kandi inda ya Sara yari yarapfuye. Mu by'ukuri hagomba kubaho ikintu runaka cymubiri mbere yuko urubyaro rwa cyami rushobora kugira... urubyaro rushobora kugaragara, umuhungu wasezeranijwe. Mbere yuko uwo mwana w'umuhungu wasezeranijwe agaragara, hagomba kubaho ikintu runaka kiboneka mu mubiri wabo, mbere yuko umwana w'umuhungu wasezeranijwe agaragara. Mwitegereze ibyo Yakoze. Ngiye kuguha akantu gato.

58 Mu by'ukuri, mugusoma Bibiliya, ni inkuru y'urukundo Imana yandikiye Itorero Ryayo. Ni Imana. Imana ni urukundo. Urabyizera? [Itorero rivuga riti: "Amen."— Umw.] Kandi Bibiliya yanditse mu buryo abize n'abanyabwenge badashobora kuyumva. Mugomba gukunda Imana kugira ngo muyumve. Ugomba kugira Imana muri wowe. Irakwisobanurira.

Mu by'ukuri, ni nkaho naba mfite umugore. Yoo, mbega ukuntu mukunda! Ndamukunda n'umutima wanjye wose. Kandi nzaba ndi mu mahanga ahantu runaka kandi … amaze kuryamisha abana, azanyandikira ibaruwa, ati: "Mukundwa Billy, nicaye hano muri uyu mugoroba, ndimo kugutekereza. Ndimo ndandika." Murabona, nzi ibyo arikwandika ku mpapuro. Ariko ndamuzi kandi ndamukunda cyane kugeza naho menya uko ateye muri kamere ye, nzi icyo ashaka kuvuga, ku buryo nshobora gusoma hagati yumurongo. Murabona?

Kandi Imana ishaka ko Itorero Ryayo risoma hagati y'imirongo. Ntugasome ikintu na kimwe hanze yayo! Mugomba gusoma hagati y'imirongo kugira ngo mumenye icyo bisobanuye. Noneho murebe, mumenye niba ataribyo.

Noneho, ibyo Imana yakoranye na Aburahamu na Sara, irabereka, urugero rw'Itorero Ryayo. Yabakoreye, Yabahinduye bombi kuba umusore n'umukobwa. Ni ukuri, Yarabikoze, yabashubije ibuto, nkuko azakorera Urubyaro rwose rwa Aburahamu. Imyaka waba ufite imyaka yose n'umuvuduko wose, hari umunsi uzaza ukongera ukaba muto kandi mwiza, nibyo, ubwiza bw'ubuzima.

59 Nabajije umuganga vuba aha, "Mbwira, mugabo. Iyo igihe cyose ndiye, mpindura ubuzima bwanjye."

Yavuze ati: "Ego, mugabo, ni byo."

Navuze nti: "Mu by'ukuri, Imana yavuze ko 'twakozwe mu mukungugu w'isi.'"

Yavuze ati: "Nibyo. Imboga inyama n'ibindi turya ni umukungugu. Aho ukura potasium yawe na calcium n'ibintu muri vitamine zawe, kandi ubivana mu butaka. Kandi mwakozwe mu mu kungugu w'isi."

Naravuze nti: "Hum. Rero, Imana yabiremye mbere gutyo."

Yaravuze ati: "Nta kintu na kimwe mbiziho, ariko" ati: "Nzi ko ubu urya ibiryo kandi byubaka umubiri wawe."

Naravuze nti: “Ndakubajije.” Naravuze nti: “Noneho urambaza kubyerekeye kuvuka kw'isugi?”

Yavuze ati: “Ego, mugabo ndi we.”

Navuze nti: “Ndashaka kukubaza ikintu kumwe, muganga. Nsobanurira ibi.”

Yavuze ati: “Mu by'ukuri, ikintu cyose kidashobora kwemezwa na siyansi si cyo.”

Navuze nti: “ngiye gufata uruhande rutandukanye, ko ikintu cyose cyemejwe na siyansi atari cyo, ntaho bihuriye.” Kandi naravuze nti, “Ibintu cyonyine kiriho mu buzima ni ibintu bidashobora kwemezwa na siyansi: urukundo, umunezero, amahoro, umurava, ubwitonzi, kwihangana, kwizera. Wabinyerekana byagihanga? Nyamara ni impamo! Mana, Umwuka Wera, Abamarayika!” Amina! “Kwizera gukora ibyo. Ibintu byose mubona biva mu butaka, biva mu mubyeyi ubutaka, bisubira mu nzira imwe.” Navuze nti: “Ndashaka kukubaza ikintu kimwe. Mfite imyaka cumi n'itandatu, naryaga ibiryo bimwe ndya ubu. Nariye ibishyimbo, ibirayi, n'umugati, n'inyama. Kandi igihe cyose naryaga, narushagaho kubyibuha no gukomera.”

Yavuze ati: “Ni ukuri, warimo wubaka ubuzima bwawe.”

60 Navuze nti: “Ni ukubera iki, nyuma yo kurenga imyaka makumyabiri n'ibiri, undi muntu uwo ari we wese, uko urya bingana kose, ucika intege kandi ukarushaho gusaza? Bitekerezeho.” Navuze nti: “Nabonye ikibindi cy'amazi hano, mbona ikirahure; nuko ntangira gusuka amazi yo muri kiriya kibindi kinini kandi menshi muri iki kirahure, gitangira kuzura kugeza cyuzuyemo igice; hanyuma ntakintu na kimwe hano hepfo, uko nsuka, niko yamanukaga. Uko narya kose,ku kigero icyo ari cyo cyose, ubu ndya neza kuruta uko nari nsanzwe, inshuro ijana.”

Nzi icyo byari byo guhekenya uruhu rwinyama ijoro ryose, no kurya umugati w'ibigori ku ifunguro rya mugitondo hamwe n'igikoma cy'amasaka, n'ifunguro ryo kumanywa na nimugoroba. Nzi icyo kubaho bigoye ari cyo, none ubu ndashobora kurya neza. Imana ishimwe. Ariko uko narya byinshi kose, nkomeza kugira intege nke no gusaza. Kandi amaherezo nzuma mpfe. Kuki? Kuki? Ni gahunda Imana yashyizeho. Nibyo. Nibyo, mugenzi.

61 Murebe Aburahamu na Sara, basubiye kumyaka hafi imyaka makumyabiri n'ibiri cyangwa makumyabiri n'itanu.

Yoo, muravuga muti: “ntibyumvikana, mwenedata Branham!” Nibyiza, noneho mwicare umunota umwe gusa, reka noneho dusome hagati y'imirongo rimwe.

Abo Bamarayika bamaze kugenda, no gushya kwa Sodomu, Aburahamu na Sara bafashe urugendo rurerure bamanuka i Gerari. Urwo ni urugendo rwose ku bashakanye. Murupime ku ikarita yanyu. Baramanutse bajya i Gerari. Kandi dore Sarah ubungubu, nyogokuru, imyaka mirongo cyenda, ingofero y'izuba, atitira. Na Aburahamu n'ubwanwa bwe burebure. Bibiliya iravuga iti: “Bombi bari bashaje cyane.” Ntugerageze kuvuga ko babayeho igihe kirekire. Kandi Bibiliya iravuga iti: “Imibiri yabo yari yarapfuye, barakubiswe n'ubusaza.” Kandi hano baramanutse bajya i Gerari. Kandi hariya hari umwami ukiri muto witwa Abimeleki, kandi yashakaga umukunzi, abonye Sara aramukunda. Nibyo? Nyogokuru?

62 “Kuki, urarenze !” Aburahamu yaravuze ati: “Urashimishije kureba.” Amina. “Ndagusabye, umubwire ko uri mushiki wanjye.” Haleluya! Yerekanaga hariya ibyo Agiye gukorera Urubyaro rwose rwa Aburahamu. Sara yari mwiza. Aburahamu yari umusore. Ndashobora kumva Aburahamu avuga ati: “Sara, mukundwa, urazi, imvi zavuye mu misatsi wawe.”

“Aburahamu, inyonjo yavuye mu mugongo wawe. Urimo kugororoka.” Basubiye kuba umusore n'inkumi. Mana, yerekana! Yoo ! Mbega !

63 Abimeleki aramukunda, aragenda aramutwara, ajya kumurongora. Ndashobora kubona arimo kwiyuhagira, akaryama yambaye ipinjama ye, agashyira amano hejuru, amaze kuvuga amasengesho ye, akavuga ati: “Ejo nzarongora uriya mukobwa mwiza w'imyaka ijana”? Byendagusetsa! “Uriya mukobwa mwiza w'umuheburayo! Yoo, musaza we, uriya musore ! Mbega ukuntu ari mwiza!”

Imana imubonekera mu nzozi, iti: “Umeze neza nk'umuntu wapfuye.”

Yavuze ati: “Mwami, ni ukubera iki?”

Yavuze ati: “Uwo ni umugore w'umugabo.”

Yavuze ati: “Urazi ubusugire bw'umutima wanjye, Mwami. Yavuze ati: 'Uwo ni musaza wanje.' Na we ati: 'Ni mushiki wanjye.'”

Yavuze ati: “Yego, nzi ubunyangamugayo bw'umutima wawe, niyo mpamvu nakubujije kunshumuraho.” Ariko umva! “Ariko umeze nk'uwapfuye, kandi ishyanga ryanyu ryose rirazima. Umugabo we ni umuhanuzi Wanjye. Sinzi uko uri umwera, uko usenga kose, Sinzumva amasengesho yawe. Kuko

umugabo we ni umuhanuzi! Genda, usubize umugore we kandi umureke agusenge. Niba utabikoze, urapfa.” Haleluya!

64 Byari iki? Imana itegura Sara na Aburahamu kwitegura kwakira umuhungu wasezeranijwe. Kwerekana ko igikurikira nyuma yo kwigaragaza kwuyu mumarayika w'IIana, Umwuka Wera yerekana ikimenyetso cyayo cya nyuma, igikurikira, uyu muntu yambara ukudapfa hanyuma tukazamurwa mu kirere guhura n'umwana wasezeranijwe, Urubyaro rwa cyami rwa Aburahamu. Icyubahiro kibe icy'Imana! Haleluya! “Kuberako tuzahindurwa mukanya, mu kanya nk'ako guhumbya, kandi tuzazamurwa hamwe kumusanganira mu kirere. Bityo tuzahora na We iteka ryose, Umwana wasezeranijwe.” Haleluya!

65 Yego, ntabwo ngiye kubona … Nzaba … Ahari ejo nimugoroba nzabona igice cya 22, reba.

Yego, ndabikunda, sibyo? Ndishimye cyane, ibi bintu byose! Bibiliya yuzuyemo gusa izo mpano nziza. Gusa bisaba guca bugufi ukazitoragura, ukazikuraho umwanda maze ukazireba. Buri wese muri bo ahagarariye Yesu Kristo, umuntu wese, kuko muri We harimo umwuzuro w'Imana. Muri We, ibintu byose niho byerekana. Ibintu byose kuva mu Isezerano rya Kera byerekanaga umusaraba; kandi no mu Isezerano Rishya, herekana kumusaraba. Nibyo. Byose birahari. Yoo!

Hahabwe umugisha ipfundo rikomereza.
Imitima yacu mu rukundo rwa Gikristo;
Ubusabane bw'imitima y'abavandimwe.
Nink'ibyo haruguru.

Mbega ukuntu mukunda! Mbega ukuntu nshaka kumubona! Mbega ukuntu ntegereje mu kwihangana ko uyu mubiri ushaje wakubitswe, wakomeretse, wamenaguwe, wasenyutse uhindurwe muri ino minsi ! Impanda izumvikana kandi abapfuye muri Kristo bazazuka. Tuzafatwa hamwe nabo, kubwo guhura n'Umwami mu kirere.

66 Nigute Rebeka yuhiye iyo ngamiya mu mafa ya nimugoroba. Eliezer ntabwo yamubonye mugitondo. Ntiyigeze amusanga saa sita; yamusanze nimugoroba. “Hazaba umucyo nimugoroba!” Nibyo! Aho niho yamusanze. Yipfuka mu maso. Nta mutwe yari afite; yari asanze umutwe. Amina. Umugore, ni kamere ye, y'umugore, kwiyegurira umugabo. Kandi ni kamere y'itorero kwiyegurira Kristo, kwiyegurira ubushake Bwe. Kwiyegurira gusa! Nta gitekerezo cye bwite afite, afata Ijambo Rye, ntabwo ari iry'abandi. Iyo Eva aza gukora atyo, ntitwakagombye gupfa; ariko yumvise ibitekerezo. Ariko Umugeni nyawe wa Kristo afata Ubuyobozi bwa Kristo, Ijambo, kandi yizera Ijambo ry'Imana gusa. Nibyo by'ukuri, Umugeni wagaruwe. Haleluya! Igihe kirageze, nshuti zanjye, birenze uko mubitekereza. Turi mu gihe cy'umugoroba. Umwuka Wera ari hano uyu mugoroba. Nzi ko ari itsinda rito cyane.

67 Wagira uti: “Yoo, ikintu nk'icyo kibayeho, Imana yabigaragariza i Roma, ku basenyeri na papa. Yari yaje kureba musenyeri wa Metodiste. Yajya muri seminari y'Ababatisita. Yashaka …” Yego, nibyo utekereza. Ariko ntabwo yigeze abikora atyo.

Aza ku mutima wicisha bugufi, abamushaka. Kandi nguyu hano uyu mugoroba, Umwuka Wera, Imana, Marayika umwe; hano imbere y'abashakashatsi bagaragaza ko Ari hano yafashwe ifoto. George J. Lacy, umuyobozi w'inyandiko za gihanga zisesengura ibimenyetso by'intoki muri FBI, yagize ati: “Umucyo wakubise ikintu.” Yavuze ati: “Bwana Branham, Navuze inshuro nyinshi ko ari ubumenyi bw'intekerezo za muntu, ko wasomaga ibitekerezo by'abantu. Ariko ”ati“ ijisho rya kamera ntiryafotora intekerezo. Umucyo wakubise ijisho rya kamera. Yari ihari!” Ngiyi. Imwe muri zo imanitse i Washington, muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, irangwa n'inyandiko, “Ikiremwa kidasanzwe cyigeze gifotorwa kandi gihamirijwe n'ubushakashatsi.”

68 Kuki? Niba mpfuye iri joro, niba ntinjiye muri uyu mubiri ejo nijoro, amagambo yanjye ni Ukuri. Kuberako, ntabwo ari amagambo yanjye, ni Aye. Sinigeze mvuga ngo “njye ubwanjye.” Ntabwo ari njye. Ntacyo nashoboraga gukora. Ndi umuntu nkawe, umunyabyaha wakijijwe kubw'ubuntu. Ariko Imana, muri iyi minsi ya nyuma, yasezeranije ibyo bintu, kandi ngibi. Ni Ijambo. Niba byari ibihimbano, birashobora kuba bitandukanye. Ariko ni Ijambo rihamiriza Ijambo kubw'Ijambo, ryemejwe na Bibiliya. Byemejwe n'abashakashatsi! Byemejwe n'Umwuka! Byemejwe n'itorero! Imana hagati yacu! Haleluya. Ndabyishimiye cyane. Ntabwo wishimiye, ijoro nimugoroba, kuba warahagurutse ugafata igihagararo? Byaguteye kumva utandukanye? Bizahora bikora, mugihe uhagaze ku Ijambo ry'Imana. Hagarara kuri Kristo! Ntukagire isoni.

Reka dusenge.

69 Haba hari umuntu hano muri uyu mugoroba wifuza kuzamura ikiganza akanya gato, ukavuga uti: “Mwenedata Branham, munyibuke mu isengesho ryanyu. Ngiye, nifuza cyane kuba umwe muri urwo Rubyaro rwa Aburahamu. Ntabwi nshaka kubura Ijuru. Senga, Mwenedata Branham. Buri gihe mu mutima wanjye numvaga hari ikintu nagezeho. Ntabwo nigeze nshobora kubibona. Munsengere, Mwenedata Branham, ngo Imana izabimpe”? Imana ibahe umugisha. Murebe gusa ibiganza, ahantu hose, bizamuye.

Bite se ku rusenge? Noneho, mwibuke, Imana ikorera ku rusenge nkuko ikorera hano hasi.

Mubyukuri ubikuye ku mutima, urabyumva? Zamura ikiganza cyawe. Imana iguhe umugisha. Ndimo kwitegereza akanya. Gusa mukomeze musenge, mukomeze mwubike umutwe.

Umunyabyaha hano muri uyu mugoroba ushaka kuzamura ikiganza, akavuga ati: "Unyibuke, Mwami. Ntabwo nzamuye ikiganza kuri uyu mubwiriza; ndarambuye ikiganza kuri wowe. Nizera rwose ko Uriho uyu munsi, ko utigeze upfa; ko igihe wapfaga, ahubwo wongeye kuzuka, . Kandi uri muzima ubuziraherezo, nkuko Wari uri ejo, uyu munsi, n'iteka ryose. Nzamuye ikiganza cyanjye kuri Wowe, kuko nizera ko Uri hano"? Zamura ikiganza cyawe, uvuge uti: "Unyibuke, Mwami." Mukomeze musenge. Mwizere Imana.

Waba waraguye, hanyuma? Imana iguhe umugisha. Arabona ibiganza byawe.

70 Data wa twese wo mwijuru, Urabona ibyo biganza. Uzi ibiri inyuma. Wagize uti: "Umubibyi yagiye kubiba Imbuto. ZImwe baguye ku nzira, ntacyo zamaze; izindi zaguye mu gitaka cy'amabuye; izindi mu mahwa; izindi zera inshuro ijana." Umubibyi yari ashinzwe gusa kubiba Imbuto. Reka Umwuka Wera afate Urubuto nonaha. Mwami, twe …Ndi—Ndizera, Mwami, twe …

Ntamuntu uzi igihe uzazira. Ntabwo tubizi. Wagize uti: "Ntabwo n'abamarayika baizi; keretse Data wenyine." Yesu yavuze ko Atabizi. "Keretse Data wenyine."

Noneho, Data, ndasenga ngo niba hari abari hano bazamuye ibiganza, ndizera ko aribyo bashatse kuvuga. Hari Ikintu inyuma yabo, Umwuka, wababwiye kuzamura ibiganza, kandi babikoze. Bafite umurava. Birashoboka ko aribwo bwa mbere Wigeze ubaganiriza, kandi birashobora kuba ari ubwa nyuma. Birashoboka ko Wavuze ibindi bihe, kandi ntuzongere kuvuga. Simbizi. Ariko, Data wo mu ijuru, ndagusaba ngo Utange agakiza ku bantu bose bizera.

71 Reka Izina ryawe Ryera rihishurwe imbere y'abantu. Urukundo rwawe nirusukwe mu mutima wa buri wese n'Umwuka Wera. Ha Umugisha aba babakozi benedata, Mwami. Aba bagabo b'agaciro hano bafite, hagati y'amakimbirane, barantumiye, uko byagenda kose. Ha Umugisha abantu bitabiriye.

Ntabwo nshaka kuba umwibone, sinshaka kuba utandukanye, Mwami; gusa ndashaka kuvugisha ukuri. Kandi icyo ni ikintu cyonyine Uzamenya, ni ukuri kuri mu muntu, kuko uri Ukuri. Umva noneho, Data, ndasenze. Bahe uyu mugoroba ko benshi muri bo hano, ko wenda batazamuye ibiganza, bazakizwa, uko byagenda kose. Biduhe, mwu izina rya Yesu. Amina.

72 Noneho mu gihe tuguma twicaye mu cyubahiro akanya gato. Nizera ko twatinze gato kugira umurongo w'amasengesho, ariko tuzawugira. Umuntu wese, iyo … wowe, niba ufite ikarita, ufate ikarita yawe. Niba udafite ikarita, urabona imwe. Turi … Niba tugomba kuguma hano iminsi itanu yinyongera, tugiye gusengera buri wese. Nibyo.

Ngerageza gusa gutanga Ubutumwa ku bantu. Ndagerageza kubereka ibyangombwa… Niba ukize; birashoboka, niba ubayeho igihe gihagije, uzongera kurwara igihe kimwe. Ariko uramutse ukijijwe uba ubonye Ubugingo buhoraho. Murabona? Urashobora gukira, ugakomeza inzira yawe ukabura agakiza … ushobora gutakaza ubuzima bwawe; ariko iyo ukijijwe, uba ufite Ubugingo buhoraho, ntuzigere urwara.

73 Ndibaza niba wasobanukiwe uyu mugoroba ibyo navugaga, ko Imana yabonekeye Aburahamu na Sara aho, ikabaha ikimenyetso cya nyuma, umwo Mumarayika, ko mbere yuko kurimbuka kuba kandi ko umwana w'umuhungu wasezeranijwe atangwa. Ku Itorero, icyo kimenyetso, cyari ukuza k'Umwana. Ku isi, byari ugusenyuka. Noneho, ibyo yakoreye Aburahamu n'abandi byari ingero.

Yesu yaje ku isi, Urubyaro rwa cyami rwa Aburahamu, kandi akora icyo kimenyetso. Ni bangahe bazi ko ari ko bimeze, muvuge "Amina." [Iteraniro rivuga riti: "Amina!" - Umw.] Nibyo. Kandi barabyanze. Nibyo?

Noneho, ntabwo Yigeze Abikorera abanyamahanga, 'kuberako Urubyaro rwa cyami rwari rutarasohoka, Itorero ntiryari ryaravuka. Ariko igihe Itorero ryavutse, none rimaze imyaka ibihumbi bibiri, kuri … Mwibuke, ibyo byari ku iherezo ryo gutegereza kwa Aburahamu. Byari kumpera yo gutegereza urubyaro rusanzwe rutegereje Mesiya, 'kubera ko Mesiya yari ahari.

74 Ni kumusozo wo gutegereza urubyaro rwa cyami. Ari hano, kugaragara kwa Kristo. Mwigeze mugerageza kugabana … Hariho ahantu muri Bibiliya, murabizi, ntabwo mbona umwanya wo kubyijyamo, havuze hati "kugaragara kwa Kristo," hanyuma "Ukuza kwa Kristo." Ibyo ni ibintu bibiri bitandukanye, muri byose, "kugaragara" no "Kuza." Arimo kugaragara ubu, akorana natwe mu buryo bwa Mwuka Wera, arigira intungane gusa, Itorero. Igomba.

Niiba mufite inote y'idolari mu mufuka, muyifate murebe. Ku ruhande rumwe ni ikirangantego cy'Abanyamerika; kurundi ruhande ni ikirangantego cya Egiputa, piramide ifite ibuye ry'agasongero hejuru yayo, nk'ijisho rireba. Kandi ni ukubera iki amadolari y'Abanyamerika yashyira munsi yacyo, "Ikimenyetso gikomeye"? Wagira ngo ikimenyetso cy'abanyamerika cyaba ari ikimenyetso gikomeye hano. Ariko leta Zunze Ubumwe z'Amerika irabyemera baba babishaka cyangwa batabishaka, ikimenyetso gikomeye.

Mwitegereze iyo piramide uko iteye, Itorero. Gutsindishirizwa, kwezwa, kubatizwa n'Umwuka Wera, hanyuma ibyo bigomba gutunganywa kugeza igihe … Ibuye ry'agasongero ntabwo ryigeze rishyirwa kuri piramide, Ryaranze, kimwe n'Ibuye ry'imfuruka. Noneho, ariko igihe iryo Buye ry'agasongero rizazira... Nagiye kuri piramide; iratunganye neza rwose, ntushobora gucisha urwembe hagati y'amabuye ayubatse, aho ahurira. Kandi igihe Itorero rije, ibyo … Igihe Kristo azazira kwakira Itorero Rye, Itorero rizagira umurimo nkuwo, kandi kubw'ubwo buntu buzazura bose, hanyuma bazamurwe. Kuza kw'Ibuye ry'agasengero; rirangurura ijwi riti: "Ubuntu, bw'Umwami!"

75 Mfite igitekerezo muri njye. Haleluya! Imana yacu iracyari Imana. Ihishurira abakozi Be amabanga Ye. Navuze kuri Malayika uteye umugongo ihema, maze atera umugongo ihema, kandi avuga ibyo Sara atekereza muri we imbere.. Ndahamya ko uwo mumarayika ari hano, Umwuka Wera, Inkingi y'Umuriro, imwe yari muri Kristo. Inkingi y'Umuriro yayoboye abana ba Isiraheli. Inkingi y'Umuriro yihinduye umubiri itura muri twe. Yavuze ati: "Mvuye ku Mana, ngiye ku Mana."

Nyuma y'urupfu Rwe, guhambwa, kuzuka, kuzamuka, Yahuye na Sawuli ku muhanda umanuka i Damasiko. Umucyo uramukubita. Na we ati: "Mwami, Mwami!"

Yavuze mbere ati: "Sawuli, Sawuli,". "Ninde? Kubera iki umpohotera?"

Ati: "Uri nde, Mwami?"

Yavuze ati: "Ndi Yesu." Subira inyuma!

76 Nguyu Ari hano uyu mugoroba, bihamirijwe n'Itorero Rye, m'ubushakashatsi n'ibindi! Yoo nshuti zanjye, kubera iki turambiwe cyane? Kuki twicara duhengamye cyane? Reka Uwiteka—reka Imana yavuze Ijambo, reka Imana ko … Nkuko Elisha yabivuze, wagarutse afite inshuro ebyiri za Eliya, azinga igishura aravuga ati: "Imana ya Eliya iri he?" Reka Imana yanditse Ijambo, ihamirize Ijambo! Niba iri ari Jambo Rye, reka Irihagarareho ! Yasezeranije kubikora. Izabikora niba tubyizera.

Noneho reka mbimenyekanishe neza. Ntabwo ndi uwo Muntu. Ndi umugaragu wuwo Muntu. Kandi namwe, niba muri Urubyaro rwa Aburahamu.

77 Ariko, jyewe ubwiriza Ijambo Rye, kandi mpagaze ku munsi aho amadini yose yanjugunye, amadini anyirukana aho ngeze hose. Kandi benedata bonyine bari muri ayo madini, babona Umucyo, bazawukomeraho batitaye kubyo icyicaro gikuru kivuga. Imana ihe umugisha abantu nkabo. Imana ihe umugisha abagore n'abagabo bahagurutse uejo nimugoroba. Niki nagukorera? Gira icyo unsaba. Mbwira icyo nakora, nzagukorera icyo nshoboye cyose. Muri ubwoko bw'Imana. Umugabo cyangwa umugore uwo ari we wese uzafata igihagararo nkicyo, hagati y'amakimbirane, mufitiye icyubahiro kuri we.

78 Noneho niba uwo Marayika … Mu Ijambo rya Yesu Kristo hahanuwe, ko mbere gato yuko Umwana w'umuntu aza, ko ibyabaye byabereye i Sodomu bizabera mu Itorero, mbere yuko aza ahabona.

Nzatera umugongo. Mwunamye kandi usenga. Ntabwo nigeze mvuga ibi niba ntarumvaga ko ngomba kubikora. Naba ndi umuswa kubwo kuvuga amagambo nkaya. Ariko, mukwizera Kristo Umwana w'Imana, mukwizera ko ari Ijambo! Kandi Ijambo rihinduka irifatika mu mibiri yacu, iyo dufashe Ijambo, kuko ni ryo sezerano Rye, "Nzaba muri mwe kugeza ku mperuka y'isi, kandi imirimo nkora namwe muzayikora."

79 Nateye umugongo iteraniro, Data wo mu ijuru, abo nabwirije, kuri ubu butumwa. Ndagusabye, Mana, reka bimenyekane muri uyu mugoroba ko ukiri Yesu Kristo Umwana w'Imana, kandi ko Ukiri Imana Yehova. Uko wari Uri ejo, niko Uri uyu munsi, n'iteka ryose. Kandi ni Wowe wavugana na Aburahamu wa munsi ku ihema. Ni wowe washoboraga kumenya icyo uriya mugore yatekerezaga mu ihema, ukakimubwira. Muri ako kanya, arabihakana, Wari kumwambura ubuzima, ariko yari urubavu rwa Aburahamu, umugeni we. Mwami, Watwambura ubuzima bwacu, kubwo kutizera kwacu, ariko turi urugingo rwa Kristo. Ntiwashoboraga gufata Sara utababaje Aburahamu. Kandi Ntushobora kujyana itorero hamwe—utababaje Kristo. Mfasha, Mwami. Nta mashuri mfite. Ndi gusa … Mwami, ntacyo mfite, ariko ndakwizera gusa. Kandi ndizera. Fasha, Mwami.

80 [Mushiki wacu avuga mu rundi rurimi. Undi mushiki wacu atanga ibisobanuro - Umw.] Amina. Ushimwe Mana nzima. Noneho, Arahari. Mugire gutinya, mwubahe.

Murashobora kubura umutwe niba mubishaka. Ubu ntabwo ari gusa … Murabona, Bibiliya ivuga ko kuvuga mu ndimi bikubaka gusa, keretse niba hari ibisobanuro. Niba kandi ibisobanuro, ari ubuhanuzi ku Itorero. Kandi uburyo numvise icyo gisobanuro icyo gihe, kwari "Wizere Uwiteka, ko ari We wohereje Ijambo." Mu by'ukuri sinigeze nza mu izina ryanjye bwite, naje mu izina Rye. Kandi Yassohozaga imirimo Ye muri njye icyo gihe, mukubwiriza Ijambo Rye kandi yemeza Ijambo Rye. Rwose. Ndabyizera. Ubyizera kimwe? [Itorero rivuga riti: "Amina!" - Umw.] Ni bangahe babyizera ubu, mbere yuko …? Imana iguhe umugisha. Noneho, iyo niyo nzira ijya, ni yo nzira. Komeza uru rwego ruringaniye uzabona ikintu kibaye.

81 Ngiye gutera umugongo iteraniro, kuko uwo yari Umwuka Wera abihamya gusa. Murabona? Komera

n'icyo gukora. Noneho murizera aho materaniro, umuntu runaka. Nta muntu nshobora kubona … Ni bangahe bari hariya barwaye kandi bababaye, cyangwa bafite umuntu ubabaye, cyangwa ikindi kintu musengera, kandi uziko ntacyo mbiziho, uzamure gusa ikiganza. Mu by'ukuri, ndakeka ko ari ahantu hose. Rero, reka twizere gusa. Ntihagire umuntu numwe ugenda, umpe gusa … Harabura iminota cumi n'ibiri kuri saa kumi. Mumpe iminota cumi n'ibiri, sibyo? Ntihagire uva aho ari. Ntihagire umuntu ugenda, rwose. Mwicare mutuje rwose. Inshuro imwe gusa, fungura umutima wawe.

82 [Mwenedata umwe avuga mu rundi rurimi. — Umw. Undi mwenedata atanga ibisobanuro - Umw. Amina. Urakoze, Mwami, urakoze. Mu cyubahiro twubaha ibyo tubikuye ku mutima. Iyo ni impano mu Itorero. Mugume mu masengesho, mwubashye.

Mwibuke, bajyaga ku rugamba inshuro imwe, ntibari bazi uko bari burwane urwo rugamba. Dawidi yari ahagaze aho, agabana na bo igice cy'inyama n'igikombe cya divayi. Ariko Umwuka wamanukiye ku muntu umwe, arahanura ababwira aho bahurira n'umwanzi, kandi ni ko byagenze.

Duhura n'urugamba rukomeye, mwenedata. Kandi ubu turi mu rugamba rukomeye. Umwuka yaguye, ku muntu umwe, kandi akubwira icyo ugomba gukora, "kwizera." Arimo kugerageza gukura ibitekerezo byawe kuri njye. Murabona? Bamwe muri mwe mugomba kuba batekereza ko ari mwenedata Branham ugerageza kugira icyo qkora Ntabwo ari njye; ni We. Jyewe gusa … Impano nukwitanga gusa, nko kuba igikoresho. Kimwe nkiyi mikoro, yifungure, ikintu runaka kigomba kuyivugiramo. Ni igikoresho gito gusa nakije, ikintu gito. Umwuka Wera! Ntabwo nyatsa; Arayatsa. Hanyuma Akavuga; ntabwo ari njye. Noneho mwubahe kandi mwizere, buri wese muri mwe, kandi musenge gusa.

83 Rero, abantu bose bazi ko Bibiliya yavuze ko "Yesu Kristo ubungubu ni Umutambyi Mukuru ushobora gukorwaho n'intege nke zacu." Niba aribyo, reka itoraniro rivuge riti: "Amina." [Itorero rivuga ngo "Amina!" - Umw.] Aracyari Umutambyi Mukuru? Muge muti: "Amina." ["Amina!"] Niba akiri wa Mutambyi Mukuru, Yakora bimwe. Nibyo? ["Amina!"] Amina. Noneho wakora iki?

Rero, kunkoraho, ntacyo byahindura; Ndi umugabo. Ariko kumukoraho, noneho ni Umwuka Wera ari hano, rero arakora kandi agakoresha iminwa y'abantu. Kuberako, Ni Umuzabibu, turi amashami; ntabwo Yera imbuto, Yongerera imbaraga ishami gusa.

Bivuze ngo, hindukira, tera umugongo gusa, kugira ngo urebe ibintu navuze.

84 Noneho, aba minisitiri hano kugicaniro, barasenga. Murashobora kundeba niba mubishaka. Nibyo rwose. Kubwo kureba gusa, ushobora yenda murabizi ko bari … Kubera ko, uri umwungeri, niwowe uragira izi ntama. Rero, kugira ngo ubimenye. Kandi ndashaka ko munsengera, benedata. Kubera ko, murabona icyo nshaka kuvuga? Mpagarariye Kristo nyine mukorera. Kandi ndi mweneso, umuturage w'Ubwami, hamwe na mwe benedata. Kandi ndi hano …

Reba, ubungubu, ubungubu Ijambo nabwirije, reba, ni urufatiro. Kuri ubu, gutsindwa, nuko Satani yashakaga kubona. Ni Ibyo ishaka. Ariko Imana ntishobora gutsindwa. Gusa wubahe.

85 Noneho ko mbateye umugongo, ndashaka umuntu … Reka mpindukire, ni inzira zose. Reka mbaze nyure kuri iki gice, hanyuma ndaza kunyura ku kindi gice. Noneho hagire ugaruka hano; hari beinshi cyane, nk'abarimo basenga. Tugarutse muri ubu buryo, hari umuntu urimo asengera hano nonaha, ashaka kwizera Imana. Gusa wizere n'umutima wawe wose, ahantu runaka hano inyuma

Noneho, Data wo mwijuru, Nda—Ndagushimira mu butumwa Bwawe bwose, ibyo Wakoze byose. Noneho Mfasha, Mwami. Ndi—Ndi … kubwo kwizera, ndakwizera, Ijambo Ryawe. Nizera ko Umwuka wawe ari we wampamagaye gukora ibi. Noneho reka bimenyekane ko navuze Ukuri. Naguhamirije, none hamiriza, Mwami, ko navuze Ukuri. Ndabisabye mu Izina rya Yesu. Amina.

[Mushikiwacu avuga mu rundi rurimi - Umw.]

86 Data Mana, dutegereje ibisobanuro by'ibyo. Wavuze, muri Bibiliya, hazaba "amasomo ya batatu," kandi niyo ya gatatu. Noneho tu—turasenga ngo—ngo Ubimenyeshe umuntu ufite impano yo gusobanura. Ndabikweguriye, mu Izina rya Kristo.

[Mwenedata umwe atanga ubuhanuzi - Umw.] Urakoze, Mwami.

Rero, ubwo bwari ubuhanuzi, ntabwo bwari ubusobanuro. Murebe, yavuze ibirenze ibyo umugore yavuze. Hano haribisobanuro buzaza. Murabona, uyu muntu yari umuhanuzi.

[Mwenedata umwe atanga ibisobanuro — Umw.] Amina. Urakoze, Mwami.

Mu buryo butaziguye inyuma yanjye …

[Mushiki wacu mu itorero atangira gusenga - Umw.] Mana, ihe umugisha umugore, arimo aririra. Kugira …

Noneho gusa wubahe rwose, kandi ubyemere n'umutima wawe wose. Noneho, kubw'Umwuka Wera, ndagerageza kuzana Ijambo nabwirije, Iryo Yahamirije ko rizasohora. Noneho wizere n'umutima wawe wose.

87 Hari umuntu uhagaze imbere yanjye, wicaye inyuma yanjye. Kandi ni umugore. Kandi arwaye umutima. Kandi afite ububabare bumubangamiye. Ari inyuma yanjye. Niba umugore atarahaguruka … Iteraniro rirareba; mfunze amaso. Ahangayikishijwe kandi n'uwo ukunda, ni ukuvuga, umugabo we wicaye iruhande rwe; yaramugaye, afite inkoni. Umugore yitwa Madamu Brumley. Izere n'umutima wawe wose. Haguruka wizere ibyo wasengeye, uzabona ibyo wasabye. Hagarara ku birenge byawe. Arahaguruka? [Itorero rivuga riti: "Yego." —- Umw.]

Imana iguhe umugisha. Sinzi uyu umugore, sinigeze mubona mu buzima bwanjye. Turi abanyamahanga wowe na njye? Hari… [Umugore ati: "Yego." - Umw.] Noneho mubabaze, mugende mubabaze niba ari byiza. Noneho niba ibyo atari Imana imwe yamanutse hariya mbere ya Sodomu, sinzi icyo ari cyo.

88 Undi muntu muri iki gice arizera nonaha n'umutima we wose. Mwami Yesu. Hano hari umugore wicaye inyuma yanjye. Afite icyifuzo gikomeye. Arimo asengera ikintu kugirango Imana ikimuhe. Ni uruhinja, arimo asengera. Ari hano inyuma yanjye. Madamu Holm, haguruka kandi wizere Umwami Imana. Niba kandi wizera n'umutima wawe wose, urashobora kubyara umwana usengera.

Umugore arinjiye, kandi afite ubumuga. Yicaye ku ntebe basunika. Ari inyuma yanjye. Ntabwo akomoka muri aka gace k'igihugu. Akomoka—akomoka muri Sakramento, mu majyaruguru ya Sakramento. Yararwaye cyane. Abaganga ntibashoboye kumufasha. Yabaye mu bitaro. yabazwe inshuro nyinshi. Afite ikibazo cy'impyiko, ibibazo by'amagufwa ye. Afite ubwoba gusa, kugeza abonye ibibazo gusa. Ni mubi cyane. Madamu Beeler, hariya, zamura ikiganza wizere ko Umwami Yesu … kandi ugirirwe … Imana iguhe umugisha.

89 Urizera? Imana iracyariho kandi iraganje. Niba ubyizera n'umutima wawe wose!

Dore umugore muto, ndimo ndamureba yicaye hano. Afite ikibazo cy'ururondogoro. Izina rye, ntabwo muzi. Ariko urizera ko Imana ishobora kumbwira uwo uri we, madamu? Madamu Berglund. Wizera n'umutima wawe wose, kandi urashobora gukira. Urizera.

Dore umudamu wicaye hano, arasengera inshuti yagize ibyago. Wizera n'umutima wawe wose, urashobora kubona ibyo wasabye.

Hano hari umudamu wicaye arwaye umutwe. Urizera n'umutima wawe wose? Urashobora gukira neza. Ntushidikanye. Izere gusa. Niba atari Imana imwe, sinzi uwo ari we. Ari hano kuri—kuri, niba ubyemeye ukabyizera.

90 [Mushiki wacu avuga mu rundi rurimi. Mwenedata atanga ibisobanuro — Umw.] Amina. Himbaza Umami.

Ntushobora kubona ko uri Mubwiza bw'Imana? Ubikore. Noneho ndatekereza icyo dukwiye gukora nonaha, Umwuka amaze kuvuga ati: "Ngwino, nyizera, bwoko bwanjye," ndatekereza ko tugomba guhagarara kubwo guhamagara ku gicaniro, tukareka abatabizi. Kristo bazamuke ku gicaniro hano kandi bamwakire nk'Umukiza wabo. Niba utarakiriye Umwuka Wera, uraza, nawe, kwakira Umwuka Wera, kuko ibyo biri busohore. Ntushaka kuza nonaha mugihe dutegereje indirimbo; hari umuntu ugiye kuyobora kuririmba. Umwuka Wera yaravuze. Imana iguhe umugisha, mushiki wacu. Nibyo. Undi muntu arasohokana n'uyu mudamu hano. Hita una nonaha niba wabibonye … Imana iguhe umugisha, mushiki wacu. Mubwiza Bwe, aho Bibiliya, Ijambo, guhamiriza, impano, ibintu byose birakora, ese ntibihebuje ubu ? Muze ku gicaniro. Manuka uve kuri balikoni. Wowe udafite Imana, utuzuye Umwuka, ngwino nonaha mugihe turirimba.

Yesu arimo kunyura hano.
Bityo, uyu munsi,
Yesu araca iyi nzira,
Uyu munsi Araca iyi nzira.
Yesu araca iyi nzira,

Ntushaka kuza nonaha mugihe arimo Ahita, Umwuka We ukora uragira, uti: "Ngwino"?

...uyu munsi,
Yesu araca iyi nzira,
Uyu munsi Araca iyi nzira.

91 Ntuza mugihe arimo Ahita? Murebe ibyo Akora muri mwebwe, byerekana ko Ari umwe. Hita uza, buri bugingo butaramumenya, butaravuka ubwa kabiri. Ntuwaza nonaha kumushaka? Wibuke, Umwuka Wera arakuzi.

… Inzira uyu munsi.

Yesu araca iyi nzira,
Bityo, uyu munsi,
Yoo, Yesu anyura muri iyi nzira,
Uyu munsi aranyura muri iyi nzira.

Noneho reka buri bugingo buze nonaha ubutazi Imana, butazi uko buhagaze. Mumanuke. Ntu—ntukabe … Ntugire igitekerezo cy'ubwenge, mwenedata, mushiki wacu. Ntukore ibyo. Urashobora kuba waragize ubwoko ubwo aribwo bwose bw'amarangamutima. Urashobora kuba ufite amaraso mu biganza, mu maso, ushobora kuba uhinda umushyitsi, n'ibindi n'ibindi. Nta kintu kirwanya ibyo, ubungubu, nibyo rwose. Ushobora kuba waravuze mu zindi ndimi, ushobora kuba warabyinnye mu Mwuka, ariko ukuzimira. Nibyo. Ibyo bigomba kuba Ubuzima bw'imbere muri wowe, bufata iri Jambo kandi bukarigira bundi bushya. Murebe, Kristo ni Jambo. Niba kandi utarabona ukwizera ngo winjire muri iri Jambo kandi ukaryizera, ntushaka kuza nonaha.

92 Nk'Itorero ry'Imana, nkuko umucyo wa nimugoroba utangiye kumurika, kandi i—igiti kirimo kwera; Imana yavuze ko izagarura icyo giti, cya giti kimwe cya pentekote, ubwoko bumwe bwo Kwizera, kimwe n'ibintu byose bari bafite, icyo giti kizongera kugarurwa; nta madini, nta kintu na kimwe, ibyo bizaza mu mbaraga zoroheje z'Umwuka Wera, wigisha Bibiliya neza nk'uko yabikoze. Twasezeranijwe umwe mu minsi ya nyuma, urabizi, kuza kugarura uko Kwizera. Ndizera rero ko ari hano muri kuri uyu mugoroba, mu buryo bw'Umwuka Wera. Ngwino nonaha, mugihe turirimba, kugira ngo tumenye neza ko twabikoze.

93 Noneho ibuka, niba uyu mwuka … Mwa bantu mwe ba pentekote rwose mwizera impano z'indimi n'izo gusobanura! Niba udashobora kwizera ibyo yakoze hano, noneho izere indimi zawe no gusobanura, byo kubahamagara ku gicaniro. Reka abantu bose baze. Niba mubona ko ibyo bikora, ibyo birakora. Imana irakora, mu by'ukuri, ni Imana! Birenzeho, dore Ijambo hano rirabyemeza, rivuga ko ari Ukuri. Ngwino. Twongere nonaha, kandi uze nonaha.

Yesu aranyura iyi nzira,
Uyu munsi, uyu munsi,
Yesu aranyura iyi nzira,
Uyu munsi Aranyura muri iyi nzira.

94 Noneho reka abizera Imana, abakozi bera nyabo kandi abakozi ba Kristo, baze, basohoke, mugihe tturimo turirimba. Muze hano hafi y'igicaniro, muzenguruke hano. Reka dusenge hamwe nabo, hamwe. Ngwino. Ntiwaza hano? Sinshobora kubakoraho, buri wese, n'ibiganza byanjye. Ndashaka ko uza. Bamwe muri mwe benedata bavugabutumwa mumanuke hagati yabo hariya nonaha, kugira ngo mubashe kubakoraho no kubarambikaho ibiganza. Nibyo. Mwebwe muzi Imana, muze, muzamuke hano, bamwe mu bagore hamwe n'aba bagore, mwebwe bagabo hamwe n'aba bagabo. Muzamuke hano. Iri ni i—itegeko ry'Imana. Muzamuke nonaha, bantu mwe. Ibyo, ni byo, ni cyo gihe. Bamwe muri mwebwe mu babyeyi bubaha Imana hamwe n'abamwe muri benedata bubaha Imana, muzamuke hano kugira ngo mubashe kubarambikaho ibiganza, mubyemeza, mubarambikaho ibiganza kugira ngo bakire Umwuka Wera. Nibyo. Noneho, nibyo. Nibyo.

95 None, kubera iki waje? Kuberako ibyo ubyizera. Uzi neza ko Imana iri hagati yacu. Ari hano muri uyu mugoroba. Ari hano akora mu bimenyetso bikomeye n'ibitangaza.

Mwegerane, abantu bose. Mujye mu myanya kugira ngo abantu babone imyanya myinshi. Mwegerane iburyo. Hariho benshi bamanuka mu nzira, murabona. Gusa mwegerane gusa.

Ni bangahe mu iteraniro bahangayikishijwe n'aba bantu bahagaze hano ubungubu, kubw'agakiza k'ubugingo bwabo, bazamure ikiganza. Nibyo. Reka twese tube hamwe noneho, tuzamurire Imana ibiganza, kandi dusabe isengesho.

96 Data wa twese wo mwijuru, turabagezaho iuyu mugoroba iri teraniro, hamwe n'Umwuka Wera hagati yacu, uri hano ubungubu, utuma Ijambo Rye ryongera kubaho. Uzuza bui mutima, Mwami. Ngwino mu mbaraga z'Umwuka. Biduhe, Mwami. Irukana ubwoba bwose, buri satani. Ngwino mu imbaraga z'Imana, kandi wigarurire ubu bugingo. Mu Izina rya Yesu Kristo, ndabakweguriye kubw'icyubahiro Cyawe.

www.messagehub.info

Ibibwiriza bya

William Marrion Branham

"…mu minsi y'ijwi …" Ibyah. 10:7